



UNIVERSITY
of
GREENWICH | Natural
Resources
Institute

Farming for impact – a case study of smallholder agriculture in Rwanda

Greenwich Academic Literature Archive (GALA) Citation:

Willoughby, Robin and Forsythe, Lora (2012) Farming for impact – a case study of smallholder agriculture in Rwanda. Technical Report. Concern Worldwide.

Available at:

<http://gala.gre.ac.uk/12560>

Copyright Status:

Permission is granted by the Natural Resources Institute (NRI), University of Greenwich for the copying, distribution and/or transmitting of this work under the conditions that it is attributed in the manner specified by the author or licensor and it is not used for commercial purposes. However you may not alter, transform or build upon this work. Please note that any of the aforementioned conditions can be waived with permission from the NRI.

Where the work or any of its elements is in the public domain under applicable law, that status is in no way affected by this license. This license in no way affects your fair dealing or fair use rights, or other applicable copyright exemptions and limitations and neither does it affect the author's moral rights or the rights other persons may have either in the work itself or in how the work is used, such as publicity or privacy rights. For any reuse or distribution, you must make it clear to others the license terms of this work.



This work is licensed under a [Creative Commons Attribution-NonCommercial-NoDerivs 3.0 Unported License](https://creativecommons.org/licenses/by-nc-nd/3.0/).

Contact:

GALA Repository Team: gala@gre.ac.uk
Natural Resources Institute: nri@greenwich.ac.uk



**Ubuhinzi bufite akamaro –
inyigo ku bahinzi bafite
ubutaka buto mu Rwanda**

Ibirimo

Incamake	1
Intangiriro	2
Ubuhinzi no kwihaza mu biribwa mu Rwanda	5
Ibyo politiki yagezeho n'ibibazo bisigaye	10
Ibikorwa byizewe bigamije gufasha abahinzi b'abakene	15
Icyo ubufasha bumarira abahinzi b'abakene	21
Umusozo n'imyanzuro	24



**Urupapuro rubanza: Izina Ry'ubaza, 44,
Huye, Rwanda.**

(Mike Goldwater / Concern Worldwide)

**Uru rupapuro: abantu bazana ibicuruzwa
ku isoko ryo mu mudugudu wa Bushoka
riri mu murenge wa Kivuruga, Akarere ka
Gacyenke, Intara y'Amajyaruguru**

Incamake

Iyi nyigo igaragaza ko abahinzi batishoboye baramutse babonye ubufasha bwihariye n'ingamba nziza, bishobora gutuma bongera umusaruro wabo, bikanagira uruhare mu gufasha kugera ku ntego zo kugabanya inzara n'ubukene. Imyanzuro y'iyi nyigo igaragaza ko Leta y'u Rwanda yashoye imari mu buhinzi buciriritse, bigatuma umusaruro w'ubuhinzi wiyongera mu gihugu. Mu ruhanda rumwe uku kwiyongera k'umusaruro kwatumye u Rwanda rutagira ikibazo cy'iyongera ry'ibiciro by'ibiribwa cyagaragaye mu Karere k'Afurika y'Iburasirazuba kandi binatuma muri rusange umusaruro w'ibiribwa wiyongera mu Gihugu.

Hashingiwe ku ivugurura rya politiki n'isesengura ry'ibyagezweho byavuye muri Gahunda y'imibereho ya Concern Worldwide Rwanda, iyi nyigo igaragaza ko abahinzi batishoboye banafite amasambu mato yo guhingaho bashobora kongera umusaruro wabo. Mu ngamba zagaragajwe zishobora gufasha iri tsinda ry'abahinzi harimo ingamba zabafasha kubona inyongera musaruro, kuzigama no kubona inguzanyo, kuberekera hakoreshejwe uburyo bufatika no gukoresha uburyo bwo kugenda hasurwa umwe umwe, gukwirakwiza inka, gukoresha ikimina gifasha mu buryo bw'amafaranga no kongera imyumvire n'imibanire byabo.

Iyi nyigo igaragaza ingaruka nziza zo gufasha iri tsinda ry'abahinzi batishoboye kandi bafite amasambu mato. Mu bipimo bigaragaza ibyagezweho n'ubu bushakashatsi harimo: iyongera ry'umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi no gusimburanya imbuto; ibimenyetso bigaragaza iyongera ry'umusaruro w'ibiribwa hashingiye ko abantu bariye ifunguro ryuzuye kandi ritagizwe n'indyo imwe; iyongera ry'ubukungu n'ingamba zo guhangana n'ingaruka zikomoka ku mihindagurikire y'isoko mpuzamahanga, binyuze mu kongera uburyo bwo kwizigamira, no kwiyubakamo icyizere n'imibanire myiza.

Iyi myanzuro ishobora gutanga amakuru mu buryo bugari. icyambere, igaragaza ko iyo abahinzi badafite ubushobozi bahawe ubufasha bwihariye bishobora gutuma umusaruro w'ibiribwa wiyongera kandi bigafasha no kugera ku ntego zo kugabanya ubukene. icyakabiri, inyigo itanga inama ko Leta n'abaterankunga bagomba gushyira abahinzi badafite ubushobozi mu ngamba zabo zigamiye kugabanya ubukene n'inzara, by'umwihariko mu buryo bukora ku nzego nyinshi kandi bukomatanya gufasha ubuhinzi, inzego n'imibereho myiza.

Intangiriro

Mu rwego rw'ubukungu, u Rwanda ruza muri bimwe mu bihugu bifite ubukungu buhagaze neza mu karere ka Afurika y'Iburasirazuba. Igipimo cy'imizamukire y'ubukungu kingana na 3-11 ku ijana guhera muri 2000 kugeza muri 2012. Abahanga bakeka ko igipimo cy'ubukungu kizaba 7% muri 2011. Banabona ko ubukungu buzazamuka ku gipimo cya 6.8 ku ijana muri 2012. Banki y'isi yemeza ko imicungire myiza y'ubukungu irangwa muri Leta yatumye igihugu kigera ku rwego rwiza rw'imisoreshereze no gukoresha umutungo w'igihugu, bituma ifaranga ridata agaciro kandi binatuma hashyirwaho uburyo bwiza bwo kureshya abashoramari mu gihugu, n'ubwo bwose hariho ihungabana ry'ubukungu ku isi.

Ubuhinzi buciriritse bwagize uruhare mu mizamukire y'ubukungu mu Rwanda. Leta yashoyemo imari mu buryo bugaragara mu gihe kirenze imyaka icumi kandi inagenera umwanya w'ibanze abahinzi bato muri politiki yayo y'ubuhinzi. Leta yakomeje kongera ingengo y'imari igenera ubuhinzi, kuva kuri 4.2 ku ijana y'ingengo y'imari y'igihugu muri 2008, kugeza hafi ku 10 ku ijana muri 2010/11. Umusaruro wariyongereye mu buryo bukomeye kandi mu myaka itatu ishize 'igipimo cy'umusaruro cyaruse igipimo cy'ibikenerwa mu kurya', ibyo bikaba ari ubwa mbere bibaye kuva muri 1994. Ibyo byatumye u Rwanda rutagira ikibazo cy'izamuka ry'ibiribwa cyagaragaye mu karere k'Afurika y'Iburasirazuba.

N'ubwo izamuka ry'ubukungu ryabaye ryiza, haracyari ibibazo byinshi. Ubukene bwagabanutse mu gihugu guhera muri 1994; ariko igipimo cy'ubukene cyakomeje kuba kinini mu myaka ishize. Leta isobanura ko igipimo cy'ubukene bukabije cyagabanutse mu buryo bwihuse kikava kuri 77 ku ijana by'abaturage muri 1995, kikagera kuri 60.4 ku ijana muri 2001, ariko rero igipimo cy'ubukene cyakomeje kungana na 56.9 ku ijana by'abaturage muri 2006. Minisitari na zo zigaragaza ko ubusumbane mu mibereho bwiyongereye mu buryo bugaragara, bukaba buri mu busumbane buri hejuru cyane mu karere ka Afurika y'Iburasirazuba.

Ikindi kandi, kuzamura imibereho y'abahinzi b'abakene banafite ubutaka buto bwo guhingaho biracyari imbogamizi ku bayobozi n'abakorera umurimo w'ubuhinzi mu Rwanda, nk'uko ari n'ikibazo ku bindi bihugu byinshi. Ubukene no kutagira ibiribwa bihagije birakiganje cyane mu giturage, bikaba bigaragara ku bahinzi bafite ubushobozi buke, (cyane cyane mu ngo ziyoborwa n'abagore), abahingira abandi mu mirima (abakozi bahinga), amatsinda y'abantu bafite ibibazo byihariye. Ibyo bibazo bigaragaza ko hakenewe ingamba zo kongera umusaruro ku bahinzi b'abakene no kwihaza mu biribwa.

Iyo nyigo igamije iki?

Iyi nyigo, yakozwe ku bufatanye hagati ya Concern Worldwide na The Natural Resources Institute, University of Greenwich, igamije kugaragaza ibikorwa byizewe byafasha abahinzi bato kongera umusaruro ndetse no kugaragaza ingaruka nziza ubwo bufasha bufite. Iyi nyigo yifashisha u Rwanda nk'urugero kubera inkunga nini Leta itera ubuhinzi buciriritse ndetse no kubera gahunda y'imibereho abakozi ba Concern Worldwide babonye ko igaragaza inyungu ituruka ku musaruro w'ubuhinzi.

Intego zihariye z'iyi nyigo ni izi zikurikira:

- Gusuzuma ibyagezweho n'ibyagaragajwe na gahunda y'imibereho ya Concern Worldwide Rwanda hibandwa ku mirimo y'ubuhinzi itanga umusaruro n'ibikorwa.
- Kugaragaza 'ibikorwa byizewe' Leta n'abaterankunga bashobora gukoresha batera inkunga abahinzi b'abakene n'ingo zifite ibibazo mu kuzamura umusaruro w'ubuhinzi n'ubwiyongere bw'ibiribwa mu ngo.
- Hashingwiye ku isomo rivuye muri ibyo bikorwa, gutanga inama zo kongera akamaro ka politiki na gahunda by'ubuhinzi za leta n'abaterankunga, binyuze muri politiki isanzwe iriho.

Uburyo ubushakashatsi bwakozwemo

Ubushakashatsi bwakozwe hifashishijwe uburyo bwo gukura amakuru mu bantu benshi. Ubu buryo bwakoreshejwe nk'igipimo cyo gusuzuma ishyirwa mu bikorwa, n'ibyagezweho muri gahunda yo kongera umusaruro w'abahinzi b'abakene.

Hifashishijwe abantu batari abagenerwabikorwa nk'urugero rufasha kugereranya itandukaniro riri hagati y'abagenerwabikorwa ba gahunda ya Concern Worldwide Rwanda n'abatari abagenerwabikorwa.

Ubu buryo butuma hakorwa isesengura ry'amakuru ashingiyeye ku mibare, ku mitungo, ku bikorwa, ibyagezweho n'ibyagaragajwe. Igishushanyo kiri hasi kirasobanura ubwo buryo.

Gushaka amakuru no kuyasesengura

Harebwa itandukaniro ku rwego rw'imyumvire (mu miryango, aho abantu batuye n'aho baba muri rusange) ndetse n'uburyo babayeho mu buzima bwabo. Iyi nyigo igaragaza itandukaniro mu myumvire, mu bunararibonye n'ibikorwa by'abahinzi b'ingeri zitandukanye.

Ubu buryo bw'ubushakashatsi bugizwe n'ibice bitanu by'ingenzi:

- 1) inyandiko no gukusanya amakuru
- 2) kubaza abafatanyabikorwa b'imbere mu gihugu
- 3) kubaza abayobozi b'inzego z'ibanze
- 4) kubaza mu buryo bucukumbuye abahinzi bato
- 5) inama n'abafatanyabikorwa ku buryo bwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa n'isuzuma

Hatoranyijwe imirenge itatu n'utugari dutatu turi ahantu Cencern Worldwide ikorera ibikorwa byayo (mu turere twa Gakenke, Huye na Nyaruguru). Abashakashatsi bagiyeye bapfa guhitamo ingo zakoreshejwe mu ngero eshatu zatanze.

Muri rusange abagenerwabikorwa 50, n'abatari abagenerwabikorwa 20 ni bo babajijwe, mu turere dutatu (3). Ibibazo byari byanditse ku rupapuro.

Hagiye handikwa ibyavuye mu ibazwa. Ibyavuzwe n'ababajijwe byagiye bifatwa amajwi, hifashishijwe umusemuzi. Amakuru yatanze yasesenguwe hifashishijwe - Statistical Package for the Social Sciences (SPSS). Abashakashatsi bakoresheje uburyo bwa ttest and the Mann-Whitney test, kugirango basesengure akamaro k'amakuru bahawe.



*Bushoka, Kivuruga,
Gacyenke*

Imbogamizi

Hari ibyo iyi nyigo itagezeho. icyambere, kubera igihe gito cyo gukorera hanze, habajijwe abantu bake (70), cyane cyane abatari abagenerwabikorwa ba gahunda za Concern Worldwide Rwanda.

Icyamba kabiri, inyigo ntiyerekana amakuru y'imibereho y'abantu ku bijyanye n'ubwiyongere bw'umugaruro cyangwa umugaruro w'ubuhinzi kuri hegitari. Ariko, ingero zatanze zunganyira amakuru asanzwe ariho yagaragajwe mu isesengura ryakozwe hagati mu gihembwe mu kwezi kw'Ugushyamba 2007. Biri no ku rubuga rwa internet.

Icyamba gatatu, kugereranya imibereho y'abafatanyabikorwa n'abatari bo, hagati, mbere na nyuma y'igikorwa cyo kugereranya itandukaniro ry'umugaruro babonye mu gihe cyo kuva ku myaka itatu kugera ku myaka ine byashyigiyeho cyane ku gukomeza. Ariko, imiterere y'ibibazo byabajijwe n'uburyo bwakoreshejwe mu kunganyira (nk'abatanze amakuru, ibiganiro n'abafatanyabikorwa ku buryo bwo kumenya iterambere ry'abantu) byari bigamijwe gufasha mu buryo bwagutse broader contextualisation of the observed changes and issues of attribution.

Zainab Nyirazirwanda,
45, Kivuruga, Gacyenke



Ubuhinzi no kwihaza mu biribwa mu Rwanda

Urwego byakozwemo n'aho byakorewe

Ubuhinzi buciriritse ni kimwe mu bikorwa by'igice kinini cy'abanyarwanda, kandi bufite uruhare rukomeye mu mizamukire y'ubukungu bw'igihugu. Ubuhinzi bugize 79.8 ku ijana by'umurimo kandi ibihingwa nk'icyayi n'ikawa bigize 70-90 by'agaciro k'umusaruro w'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga. Imibare itangwa na Banki y'Isi igaragaza ko ubuhinzi bufite 36 ku ijana by'ikigereranyo cy'umusaruro w'umuturage (GDP).

Ibishanga n'imisozi iteyeho amaterase y'indinganire ni byo bigize ubutumburuke bw'u Rwanda. 60 ku ijana by'abafite ubutaka bafite munsu ya hegitari 0.7, naho 50 ku ijana bafite munsu ya hegitari 0.5, 25 ku ijana bakagira munsu ya hegitari 0.2. Ubutaka burenga 70 ku ijana bukorerwaho ubuhinzi, kandi Minisiteri y'Ubuhinzi itangaza ko 'ubutaka buhingwa bwose ndetse kenshi na kenshi mu buryo burenze ubushobozi bwabwo.'

Abantu benshi baracyatanzwe n'ubuhinzi, 90 ku ijana by'umusaruro ugizwe n'ibihingwa, 66 ku ijana by'uwo musaruro ni ibihingwa ngandururugo. Imibare itangwa na leta igaragaza ko ibihingwa bihingwa cyane birimo ibishyimbo, ibitoki, amasaka, ibirayi, imyumbati n'ibigori.

Mu Rwanda abahinzi bahura n'ibibazo by'abantu n'ibidukikije. Kugira ubutaka buto n'ubwiyongere bw'abaturage ni ibibazo bikomeye ku buhinzi. Ikigo cy'igihugu cy'ibarurishamibare mu Rwanda kigaragaza ko mu mwaka wa 2011 abaturage b'u Rwanda baziyongere ku rugero rwa 10.7, kandi ubuso bw'ubutaka bwo bungana na 26,336 km sq, bikaba bizatera ubucucike bungana na 400 kuri kuri km sq.

Ikindi kandi, kubera ubutaka bw'imisozi, u Rwanda rukunze guhura n'ikibazo cy'isuri no kutagira ubutaka bwiza. Ubushakashatsi bwakozwe muri 2006 n'ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Biribwa ku Isi (FAO) bugaragaza ko u Rwanda rufite ikibazo gikomeye cy'isuri ku buso bungana na 50 ku ijana by'ubutaka. MINAGRI yagerageje gukemura iki kibazo ibinyujije muri gahunda yo kurwanya isuri.

Kimwe n'ibindi bihugu byo mu burasirazuba bwa Afurika, imvura itunguranye, amapfa amara igihe kinini, imyuzure n'inkangu na byo ni ibindi bibazo bikomeye. Ubushobozi buke bwo kuhira imyaka butuma ubuhinzi bushingira ku mazi y'imvura. Abantu benshi babajijwe igihe iyi nyigo yakorwaga bavuga ko imihindagurikire y'ibihe ari cyo kibazo gikomeye cy'ubuhinzi, by'umwihariko kubura kw'imvura.

Gahunda ya Leta y'ubuhinzi no kwihaza mu biribwa

Abayobozi b'u Rwanda bagennye ubuhinzi buciriritse nk'urwego rw'ingenzi rw'iterambere no kurwanya ubukene mu gihugu. Mu gushyira mu bikorwa iyo gahunda, Leta yongereye ingengo y'imari y'ubuhinzi, iva kuri 4.2 ku ijana muri 2008, igera hafi ku 10 ku ijana muri 2011.

Leta ifite intego yo guhindura ubuhinzi bukava ku buhinzi bugamije gutunga abantu gusa, bukaba ubuhinzi bugamije guhinga ibizajyanwa ku isoko, hifashishijwe ibikorwa bifitanye isano ndetse no kuvugurura politiki. Muri ibyo bikorwa harimo kongera ubuhinzi bw'imbuta hakoreshejwe gahunda yo guhuza ubutaka, gushyira abahinzi mu mashyirahamwe, no korohereza abahinzi kubona inyongeramusaruro. Ibindi bikorwa ni ugushora imari mu bikorwa byo kurwanya isuri hashyirwaho amaterasi y'indinganire no gukora ibikorwa byongera agaciro.

Leta ifite ingamba yo kugera ku musaruro w'ubuhinzi binyuze mu nzira ebyiri. Iya mbere, kohereza ibicuruzwa hanze ndetse n'ibijyanye n'ibicuruzwa byoherezwa mu karere n'ahandi binyuze mu buryo bwo kongerera ibicuruzwa agaciro, icya kabiri, binyuze ku isoko ry'imbere mu gihugu, n'ibijyanye n'iterambere ry'isoko ry'imbere mu gihugu, cyane cyane ibiribwa by'ibinyampeke (umuceri n'ibigori), amata, inyama n'imboga.

Politiki zihariye

Politiki ebyiri (icyerekezo 2020 na EDPRS) hamwe n'inyandiko 2 zikubiyemo ishyirwa mu bikorwa ry'izo ngamba (the Strategic Plan for the Transformation of Agriculture and Crop Intensification Program) bisobanura politiki za leta zo gufasha abahinzi bato mu Rwanda.

Icyerekezo 2020 na Gahunda ya Leta yo kurwanya ubukene (EDPRS: 2007 – 2012)

Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda yo kuzamura ubukungu no kugabanya ubukene binyujijwe muri gahunda y'iterambere y'igihe kirekire yitwa icyerekezo 2020. Intego nyamukuru y'iyi gahunda ni ukugera ku gipimo cy'umusaruro ku muntu (per capita income) cyo mu gihugu bifite ubukungu bwo hagati, kandi kikaba igihugu kigendana n'iterambere, gifite ubukungu bukomeye kandi gifite ubumwe, kitarangwamo amacakubiri.

EDPRS yo igaragaza uburyo bwo gufasha iterambere ry'urwego rw' abikorera ku giti cyabo, mu bukungu, hakiyongeraho kandi gahunda y'icyerekezo 2020 Umurenge (VUP) yo guha ubushobozi abakene bo mu cyaro. Mu byo MINAGRI ishyira imbere muri iyi gahunda harimo kongera uburyo bwo kubona inyongeramusaruro, gufata neza ubutaka, kongera uburyo bwo kubona amatungo, kwigisha uburyo bw'imihingire, no kubonera amasoko ibihingwa. Mu zindi gahunda zishamikiyeho harimo kubungabunga ibishanga no gushyiraho uburyo bwo guhingira hamwe kugirango bifashe kubona inyongeramusaruro n'inkunga.

Ingengamikorere yo kuvugurura ubuhinzi (PSTA II) 2008 – 2012 na gahunda yo kongera ibihingwa (CIP) 2008-2012

Ingengamikorere yo kuvugurura ubuhinzi no kongera ibihingwa igaragaza gahunda zahawe ingengo y'imari yuzuye hagamijwe kuvugurura urwego rw'ubuhinzi mu gihe cy'imyaka 5.

PSTA-II yerekana gahunda 4 zo gushoramari imari: kongera imbuto n'uburyo burambye bwo kugera ku musaruro (kuhira imyaka, gutanga amahugurwa yo gukoresha amatungo mu buhinzi, kongera ikoresha ry'imbuto n'amafumbire); gukora ubuhinzi bw'umwuga (gutanga inama ku buryo bw'imihingire no kubonera amasoko ibihingwa, gushora imari mu bushakashatsi mu by'ubuhinzi); guteza imbere kongerera igicuruzwa agaciro, n'iterambere ry'ubuhinzi bugamije ubucuruzi (guhunika imyaka, kongerera igihingwa agaciro, gukora imihanda yo mu cyaro, serivisi z'imari); no guteza imbere inzego (gukurikirana no gusuzuma ishyirwa mu bikorwa, imicungire no kwegereza inzego abaturage).

Ingengo y'imari

Gahunda y'ishoramari ya MINAGRI ya 2009-2012 igaragaza ko ingengo y'imari ya PSTA-II igera kuri million 815 US\$ mu gihe cya gahunda (2009-12). Iyi ngengo y'imari igaragara muri buri gahunda ya PSTA-II iri hepfo.

Politiki zuzuzwa PSTA – II

Politiki y'igihugu y'ubutaka

Politiki y'igihugu y'ubutaka yuzuzwa politiki za Leta z'ubuhinzi mu gukemura ibibazo byerekeranye n'ubutaka buto n'amasambu atatanye. Gahunda igamije guhuza ubutaka no kongera ubuso bw' ubutaka bwa buri muntu no guha abantu icyizere cyo kugira ubutaka bwabo bahabwa icyemezo cy'ubutaka. Mu ngamba zizatuma iyo ntego igerwaho harimo kwandikisha ubutaka no gutanga icyemezo cy'ubutaka ku miryango igera kuri million 8 bizakorwa kugeza muri 2012, gushyiraho Ikigo cy'Igihugu cy'Ubutaka n'uburyo bwo kubika amakuru y'ubutaka, hagamijwe kugera ku mikoreshereze myiza n'imiryango by'ubutaka.

By'umwihariko, iyo Politiki igaragaza ko Leta ishobora gufata ubutaka buri ku musozi budakoresha cyangwa ngo bube bubyazwa umusaruro. Inashyira imicungire y'ibishanga muri Minisiteri y'Ubutaka n'ibidukikije. Ubuyobozi bugenera ubutaka za koperative z'abahinzi kugirango bahingire hamwe, babitwemo inkunga n'ubuyobozi bw'uturere.

Gahunda y'imiturire mu Rwanda (1996) cyangwa Imidugudu ishingiyeye cyane cyane ku mivugururire ya politiki y'ubutaka. Iyi politiki igamije kwimura imiryango ituye mu cyaro igatuzwa hamwe kugirango haboneke ubutaka bunini bwo guhingaho. Ariko na none ku rundi ruhande iyo politiki ifasha gutuza impunzi zagarutse mu gihugu nyuma ya 1994 no kugabanya ubucucike. Leta yaguye iyo politiki muri 2009, iza no kuzuzwa n'indi politiki yo kurwanya nyakatsi.

Icyerekezo 2020 Umurenge (VUP) n'Ingamba zigamije imibereho myiza

Uretse guteza imbere ubuhinzi, Leta y'u Rwanda ifite intego zo gufasha abahinzi bafite ubushobozi buke bo mu giturage binyujijwe muri gahunda y'icyerekezo 2020 Umurenge (VUP).

Zimwe muri gahunda z'ingenzi harimo ibikorwa rusange biha akazi k'igihe gito imiryango ikennye ariko ifite abantu bakuze bashobora gukora. Iyo mirimo ni nko kubaka ibikorwa remezo, gufasha bitaziguye imiryango ikennye kandi idafite abantu bakora, no guha inguzanyo ntoya amashyirahamwe aba yatoranyijwe.

Gahunda zo kurwanya ubukene zashyizweho na Leta mu rwego rw'ubuhinzi harimo gahunda ya Gira inka; igamije guha imiryango ikennye ubutaka bungana na hegitari 0.7 bwo kororeraho inka baba bahawe.

Leta ifasha imiryango ifite ubutaka buri muni ya hegitari 0.7 kubona amatungo nk'ihene, inkwavu, n'inkoko. Politiki zo gufasha kugura amafumbire yakuriweho imisoro no gushishikariza abantu kugira uturima tw'igikoni, zigamije gufasha imiryango ikennye kandi ifite ubutaka buto kugera ku musaruro no kwihaza mu biribwa.

Kwemera ibyo abahinzi bakennye kandi bafite ubutaka buto bakeneye

Politiki ya Leta yemera ibyifuzo by'abahinzi b'abakene binyuze muri buriya buryo twagaragaje haruguru. Bikorwa binyuze mu guhanga indi mirimo itari iy'ubuhinzi mu cyaro, no gutera inkunga abahinzi binyuze mu mahugurwa, kubafasha kubona amatungo n'inyongera musaruro. Iyo politiki ivuga ko 'inyungu z'abahinzi zitagomba kwibagirana muri gahunda iyo ariyo yose y'iterambere, ko kandi ari ngombwa gushyiraho ingamba zigamije gutuma abahinzi b'ingeri zose, cyane cyane ab'abakene, bashobora na bo kubona ibyiza by'imizamukire y'iterambere ririmo kuba.

Icyambere, politiki za Leta ziteganyaga ko gushora imari mu buhinzi bizatuma abahinzi b'abakene babona umusaruro w'iterambere binyuze mu kubona indi mirimo itari ubuhinzi. PSTA-II igaragaza ko 'guhindura ubuhinzi binyuze mu kubabonera ibindi bakora bifasha n'abahinzi b'abakene cyane gukora mu yindi mirima, cyangwa gukora indi mirimo nko gukora mu bubiko, cyangwa ibyo bakoresha bongerera agaciro igicuruzwa.' Iyo mirimo ikorerwa hanze y'imirima ibafasha kongera umutungo w'urugo, hamwe no kugira ibiribwa byiza.

Icyamba kabiri, Leta igaragaza ko abahinzi b'abakene babona inkunga binyuze muri gahunda zo guhanga bahuje ubutaka no kubaha inyongeramusaruro nk'imbuto z'indobanure n'ifumbire binyujijwe mu mashyirahamwe.

Politiki ya leta igaragaza ko ikintu cy'ingenzi mu kugabanya ubukene ari ukongerera umusaruro n'ipiganwa, kandi Leta izashyiraho ibikorwa "guhura ku kongera imikoreshereze y'inyongeramusaruro, guteza imbere uburyo bw'imikoreshereze y'ubutaka n'amazi, no guhugura abahinzi' hagamijwe guteza imbere urwego rw'ubuhinzi.

Icyanyuma, ingamba yo guteza imbere imibereho myiza igaragaza inkunga y'inyongera iterwa ubuhinzi hagamijwe kongerera umusaruro abahinzi b'abakene no gutanga uburyo bwo kugabanya ingaruka bashobora guhura na zo. Gahunda nka Girinka no gukuriraho imisoro inyongeramusaruro na zo zigamije kugera kuri iyo ntego. Gahunda zigamije gushishikariza abantu kugira umurima w'imboga ifasha kongera umusaruro n'indyo nziza. Izindi gahunda z'imibereho myiza zijyanye n'ubuzima, uburezi n'imirimo rusange zishobora gutera inkunga iri tsinda.

Ishyirwa mu bikorwa rya politiki no kwegereza abaturage ubuyobozi

Leta y'u Rwanda ishyira mu bikorwa gahunda z'ubuhinzi ibinyujije mu nzego z'ibanze, aho inshingano yo gushyira mu bikorwa politiki no gutanga serivisi ishingwa abayobozi b'akarere n'umurenge mu gihugu. Gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi (2000) n'ingamba zo gushyira mu bikorwa iyo gahunda (2005) bigaragaza iyo miterere.

MINAGRI igenzura ishyirwa mu bikorwa rya politiki, igahuza ibikorwa kandi ikanayitera inkunga ifatanyije n'izindi nzego za leta zirimo MINECOFINE na MINALOC.

Abafatanyabikorwa bafasha Leta kugera ku ntego zayo mu rwego rw'ubuhinzi. Urubuga rwo guhuza inkunga (Aid coordination Framework 2006) n'itangazo ku Nkunga rya Paris 2006 (Paris Declaration on Aid) bigaragaza uburyo bw'ubu bufatanye. Abaterankunga batanga inkunga ku ngengo y'imari bakayihabwaho abayobozi bashinzwe urwego kandi bakanashyira mu bikorwa mu buryo butaziguye imishinga ijyanye na gahunda za leta. Gahunda y'ishoramari ya MINAGRI isobanura ko abaterankunga batanze inkunga ingana na 45 ku ijana by'ingengo y'imari kuva 2009-12.

Urugero: Ishami rishinzwe iterambere mpuzamahanga rya UK ritanga inkunga ku ngengo y'imari y'igihugu ndetse no ku ngengo y'imari y'inzego, ryateye inkunga gahunda yo kuvugurura politiki y'ubutaka, hashyizwe imbere itangwa ry'ibyangombwa by'ubutaka no kwandikisha ubutaka ku masambu angana na million 6.9 kugera muri 2015.

Umuryango w'ibihugu by'iburayi utera inkunga ingengo y'imari ku rwego rw'igihugu, ufasha inzego z'ibanze binyuze mu gutera inkunga inzego (sectors) kandi iyo nkunga ikaba igamije kongera umusaruro w'ubuhinzi binyuze mu gufasha kubona amafaranga, imbuto n'ifumbire.

Imiryango itegamiye kuri leta na yo igira uruhare mu gushyira mu bikorwa politiki. Imiryango itegamiye kuri leta ihuza gahunda zayo n'ibyo leta iba ishyize imbere mu buhinzi. Intego za leta ni ugushishikariza abikorera gushora imari yabo mu buhinzi, cyane cyane binyuze mu gukwirakwiza inyongeramusaruro no gutanga inama. Leta yashyizeho uburyo bwo guteza imbere uburyo bushingiyeye ku byifuzo by'abahinzi, aho abahinzi bagura inyongera musaruro ku bikorera. Ariko MINAGRI n'abagenzuzi bigenga bemeza ko bishoboka kongera imbaraga mu gushishikariza abikorera gushora imari yabo mu buhinzi.

Ruganga, Gacyenke



Patricia Nakabonye, Mbazi, Huye

Patricia Nakabonye atuye mu murenge wa Mbazi mu Karere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo y'u Rwanda. Ni umupfakazi wapfushije umugabo n'abana be icyenda (9) mu gihe cya Jenocide muri 1994. Patricia afite amasambu 3 kandi ahingana n'abandi bantu bafite ibibazo bahuriye mu ishyirahamwe ryashyizweho ku gitekerezo cya Concern Worldwide na ARDI (Abafatanyabikorwa ba CONCERN) guhera 2007.

Mu gutanga amakuru y'uburyo Jenocide yagize ingaruka mbi ku buzima bwe ndetse n'imibereho ye, Patricia yagize ati: "Abicanyi baraje, basimbuka uruzitiro rw'urugo barinjira baradutwara. Badutwaye ahantu barimo gukorera inama. Batubwiye ko bagiye kudufasha. Batubwiye ko hari abantu bashakaga kutwica ko bo bashaka kudufasha ariko byari ukutubeshya. 'Abantu benshi bazaga bavuye imihanda yose. Uwari umukuru w'akarere icyo gihe yatubwiye ko agiye kutuzanira ibiryo mu mugu, ariko mu by'ukuri yari agiye kutuzanira abatwica. Bankubise umuhoro bansiga mu ntumbi bazi ko napfuye.

Jenoside imaze kurangira nagarutse mu rugo nsanga inzu yanjye barayishenye. Muri Jenoside bantwaye ibintu byose. Batwibye ifumbire banaturira inka. Mba hano nyenyine, ariko nabashije kubaho kubera uyu mushinga'.

Kuva natangira kubona inkunga ya ARDI nize byinshi bijyanye no gukoresha uburyo bushya bwo guhinga kandi nahuye n'abantu benshi duhuje ibibazo. Mbere y'iyi gahunda narahingana ariko sinashoboraga kubona umusaruro mwiza. Ubu nize uburyo bwo guhinga ku mironko no gukoresha ifumbire mu mirima. Ibi bivuze ko nshobora kubona umusaruro mwiza kurusha mbere. Nanabonye inka n'ihene, zimaze kubyara abana batatu, babiri narabagurishije. Amafaranga arengaho nayakoresheje nshaka abakozi bahinga mu mirima y'umuceri. Rimwe na rimwe abakozi nkoresha mbahemba kubaha amata y'inka zanjye.'

'Ubu nshobora kubona umusaruro mwinshi. Mbere najyaga mbona umusaruro ungana na kg 70, ariko ubu mbona urenga kg 200. Impinduka mu buryo bwo guhinga n'ibikoresho by'ubuhinzi nk'amasuka byatumye habaho itandukaniro rinini na mbere kandi byafashije kongera ingano y'ibyo nshobora guhinga ubu. '

'ARDI yanafashije abantu bafite ibibazo nk'ibyanjye. Twabashije gufashanya no kuganira. Muri iri shyirahamwe, tubasha kuganira, kumarana ubwoba no kongera kubasha gukora.



Ibyo gahunda yagezeho n'ibibazo bisigaye

Inyandiko zasomwe n'abantu babajijwe bigaragaza ibikorwa by'ingenzi byagezweho na leta y'u Rwanda mu rwego rw'ubuhinzi kandi bikanagaragaza ibibazo bisigaye mu gushyira mu bikorwa intego za gahunda ya leta mu gihugu.

Kongera umusaruro w' abahinzi bato

Ubushakashatsi bugaragaza ko muri rusange, umusaruro w'ibihingwa by'ingenzi nk'ibigori n' ingano bihinzwe ahantu hahujwe ubutaka wiyongereye cyane guhera igihe PSTA-II na CIP byatangiyeye gushyirwa mu bikorwa.

Banki y'Isi yemeza ko umusaruro w'ubuhinzi wiyongereye mu Rwanda mu gihe cy'imyaka 5 ishize, kandi ko umusaruro w'ibihingwa ushobora kuba wariyongereyeho 15 ku ijana mu gihe cya EDPRS. MINAGRI igaragaza ko umusaruro ku bihingwa nk'ibigori wiyongereyeho 322.0 ku ijana hagati ya 2007 – 2010, ahantu hahujwe ubutaka. Imibare igaragaza ko ingano ziyongereyeho 213.0 ku ijana, naho imyumbati ikaba yariyongereyeho 206.0 ku ijana. Nk'uko byagaragajwe hejuru, umusaruro w'ibinyabijumba n'ibinyampeke na wo wariyongereye cyane. Ikintu cy'ingenzi cyagaragaye ni uko uku kwiyongera kwagaragariye mu bwiyongere bw'umusaruro aho gukoresha ubutaka bunini mu buhinzi.

Ubwiyongere bw'umusaruro bwatumye u Rwanda rugira igihe kinini kirangwamo umusaruro w'ubuhinzi utubutse. Umusaruro mu rwego rw'ubuhinzi wiyongereye ku gipimo cya 4.9 ku ijana ku mwaka mu gihe cy'imyaka itanu ishize. Mu mwaka wa 2009 ho habaye ubwiyongere bwo hejuru cyane kuko bwageze kuri 7.7 ku ijana, bigatuma ubwiyongere bw'umusaruro mu buhinzi buruta ubw'izindi nzego z'ubukungu mu gihugu. Ikigereranyo cya MINAGRI kigaragaza ko ubwiyongere bw'umusaruro w'ubukungu buzagera ku 8.0 ku ijana muri 2010. Banki y'Isi igaragaza ko mu rwego rw'ubuhinzi u Rwanda ari rwo rwa mbere mu bindi bihugu bifite GDP imwe.

Ikigega cy'Imari ku Isi (IMF) gitangaza ko ubwiyongere bw'umusaruro bwatumye u Rwanda rudahura n'ikibazo cy'ibura ry'ibiribwa cyagaragaye mu bice byinshi by'isi, ndetse binatuma u Rwanda rudahura n'ikibazo cy'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa cyabaye muri 2008. icyo kigereranyo cyongeraho ko "bitewe n'imbaraga zashyizwe mu guhinduranya imbuto, umusaruro warenze urugero rw'ibiribwa bikenewe ku isoko mu myaka itatu ishize, ibyo bikaba ari ubwa mbere bibaye kuva muri 1994. Minisitiri w'Ubuhinzi Agnes Kalibata, yemeza ko ubwiyongere bw'umusaruro bwatumye u Rwanda rudahura n'ikibazo cy'izamuka ry'ibiciro cyagaragaye mu karere ka Afurika y'iburasirazuba muri 2011.

Ukuboneka kw'ibiribwa

Ubwiyongere bw'umusaruro w'ubuhinzi bwatumye habaho ubwiyongere bw'ibiribwa mu gihugu – iki ni ikimenyetso kigaragaza ko hari umusaruro w'ibiribwa uhagije. Igereranya ryakozwe rigaragaza ko muri rusange intungamubiri ziyongereye ziva kuri 1800 kcal ku muntu / ku munsu muri 2004 zirenga 2500 kcal / ku munsu muri 2010, ibyo bipimo bikaba birenga ibipimo ngenderwaho by'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye wita ku Buzima (WHO). Proteins na zo zariyongereye ziva kuri 37 zigera kuri 46 / ku muntu / ku munsu guhera 2004-2009. Lipid na yo yiyongereye kuva kuri 7 kugera kuri 21 / ku muntu / ku munsu.

U Rwanda rwateye intambwe ntoya ariko y'ingenzi cyane mu bijyanye no kurwanya imirire mibi no kugabanya umubare w'abantu bafite ikibazo cy'imirire mibi. Global Hunger Index igaragaza ko umubare w'abatarya indyo yuzuye mu gihugu wamanutse ukava kuri 38 ku ijana muri 2000-2 ukagera kuri 34 ku ijana muri 2005-7, umubare w'abana barya indyo ituzuye wamanutse uva kuri 20.3 ku ijana ugera kuri 18.5 ku ijana muri icyo gihe.

Igenzura ryakozwe n'inzego zitandukanye ku kwihaza mu biribwa n'ifunguro ryuzuye ryagaragaje ko imiryango 4 ku ijana ifite imirire mibi, naho 17 ku ijana bari hagati muri 2009, ugereranyije na 7 ku ijana na 26 byariho muri 2006.

N'ubwo iyi mibare ishishijye, imibare mishya igaragaza ko u Rwanda rugifite ikibazo gikomeye cy'imirire mibi. Imibare itangwa na Leta igaragaza ko mu Rwanda 44 ku ijana

y'abana bagwingiye, abana 11 ku ijana bafite ibiro bidashyitse, 3 ku ijana bagize ikibazo cyo kuzingama muri 2010. Ibi rero bivuze ko hari byinshi bigikeneye gukorwa kugirango humvikane aho umusaruro w'ubuhinzi uhurira n'ibipimo by'imirire, no kugirango ingamba zashyizweho mu Rwanda zigamije kurwanya imirire mibi zibashe gushyirwa mu bikorwa, nka gahunda y'Igihugu yo kurandura imirire mibi (National Strategy for the Elimination of Malnutrition)

Intego zihariye

Kuba gahunda y'ubuhinzi mu Rwanda yarageze ku bintu byiza, byashobotse kubera ko MINAGRI yabashije kugera ku ntego z'ibanze mu rwego rw'ubuhinzi.

Ubwoko bw'amafumbire atumizwa hanze

MINAGRI itangaza ko yaguze hanze metric tonnes 27,906,268 z'ifumbire muri 2009-2010, ibyo bikaba bigera kuri 96 ku ijana by'intego rusange ya MINAGRI. Kubera politiki yo kugura hanze ifumbire no kuyikuriraho imisoro, MINAGRI isanga abaturage bashobora kubona inyongeramusaruro zihagije. Imibare ya Banki y'Isi igaragaza ko gukoresha ifumbire byikubye inshuro 2 biva kuri kg 8.5 kuri hegitari muri 2006 bigera kuri kg 16 kuri hegitari muri 2010.

Kongera ubwiza bw'imbuta no kuzitanga

MINAGRI yakwirakwije imbuta z'indobanure z'ibigori n'ingano (binyuze muri bicuruzwa bitandukanye byatumijwe muri Tanzania na Kenya) n'imyumbati n'ibishyimbo (byahingwiye mu gihugu). Imibare ya Banki y'Isi igaragaza gukoresha imbuta z'indobanure z'ibigori byiyongereye (kugera kuri 61.8 ku ijana), ingano (kugera kuri 46.3 ku ijana), ibirayi (16.3 ku ijana). Ikigo cy'igihugu cy'ubushakashatsi (ISAR) cyashyize ahagaragara ubwoko bushya bw'imyumbati budashobora guterwa n'indwara ya mosaic, ibi bikaba byarafashije mu kugira ibiryo bihagije kandi bifitiye umubiri akamaro.

Guhuza ubutaka

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego za leta, ahantu hari ubutaka bwahujwe hariyongereye cyane ugereranyije n'urugero byari biriho igihe PSTA-II yatangiraga. Muri 2008 ahantu hari ubutaka buhujwe hageraga kuri ha 28,000, haje kwiyongera bigera kuri ha 66,000 muri 2009, nyuma biza kugera kuri ha zirenga 254,000 muri 2010. Uyu mubare ugera hafi kuri 17 ku ijana by'ubutaka bwose bushobora guhingwaho mu gihugu.

Bimwe mu bibazo bitarakemurwa

Nk'uko byagaragajwe haruguru, MINAGRI yageze kuri byinshi mu gushyira mu bikorwa PSTA-II na CIP. Ariko, inyandiko zasomwe ndetse n'abantu babajijwe bigaragaza ko hakiri ibibazo mu gushyira mu bikorwa ingamba z'ubuhinzi no kugera ku ntego z'igihe kirekire yo kugabanya ubukene, kwihaza mu biribwa no guhindura ubuhinzi hagamijwe kubukoresha ubucuruzi.

Icyuho mu ngengo y'imari y'ubuhinzi

Ikibazo nyamukuru mu ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba za Leta z'ubuhinzi ni ibura ry'amafaranga. MINAGRI igaragaza ko ingengo y'imari yagenewe PSTA-II igera kuri miliyoni 815 USD muri 2009-2012, ikaba igizwe n'inkunga ya leta n'abaterankunga igera kuri miliyoni 490 USD. Bikaba bigaragara ko hari icyuho kigera kuri miliyoni 325 USD ku ngengo y'imari y'ubuhinzi, ari byo bingana na 41 ku ijana by'ingengo y'imari yose.

Kuba ingengo y'imari ituzura bigira ingaruka zikomeye ku bahinzi b'abakene. Urugero: ingengo y'imari y'ibikorwa bigamije kongera umusaruro n'agaciro by'ibiribwa ngandurarugo iburaho 86.41 ku ijana. Ingengo y'imari ya gahunda zo kongerera abahinzi bo mu giturage ubushobozi bw'imari iburaho 53.9 ku ijana. By'umwihariko, gahunda zigamije kuvugurura uburyo bwo kongerera agaciro ibicuruzwa hagamijwe gushyiraho inzego ku turere zizajya zitangira serivisi z'ubuhinzi hafi y'abaturage iburaho 81.0 ku ijana.

Iki cyuho gifite ingaruka zikomeye kubera ko ubuhinzi bw'abahinzi b'abakene bwibanda ku bihingwa ngandurarugo, ndetse no kubera ibibazo byagaragaye muri iri tsinda ry'abahinzi nko kuba batabona inguzanyo no kubura inama ku buryo bwo kongerera agaciro ibicuruzwa byabo.

Abahinzi bahabwa inkunga

Abantu babajijwe muri iyi nyigo bagaragaje ko uburyo bwo gufasha ubuhinzi bukiri bukeya. Ibi bigaragarira by'umwihariko mu gutanga inama ku bahinzi, aho imibare itangwa na Leta igaragaza ko umukozi ushinzwe kugira inama abahinzi ukorera ku nzego z'ibanze ashobora kugira inama abahinzi bagera ku bihumbi icumi. Abantu babajijwe banagaragaje ko gahunda yo kuhira imyaka ari ikintu MINAGRI ishyize imbere, bigamije cyane cyane guhindura imikoreshereze y'amazi y'imvura. Ibibazo byabajijwe abantu bari mu mirima byashimangiye ko icyo kibazo gihari.

Ubu bushakashatsi bugaragaza ko 37 ku ijana by'ababajijwe bose (abagenerwabikorwa n'abatari abagenerwabikorwa) bagiriwe inama ku buhinzi cyangwa iziyanye na bwo bazihawe n'abayobozi b'inzego z'ibanze. Mu bagenerwabikorwa, 54 ku ijana bavuze ko batabonye inama ku buhinzi cyangwa indi nkunga imeze gutyo, uretse izo bahawe muri gahunda ya Concern, ugereranyije na 32 ku ijana by'abatari abagenerwabikorwa. Ikindi ni uko abahinzi benshi bagaragaje ko n'ubwo urwego rw'abikorera ruri hafi yabo (urugero; nko kugura ifumbire) bumvaga badafite ubushobozi bwo kwigurira izo nyongeramusaruro batabifashijwemo.

Bamwe mu bahinzi bavuze ko babonye kujya mu mashyirahamwe y'abahinzi bo mu bishanga bikomeye kubera ko bisaba amafaranga menshi; kubera ko nta muntu ubashishikariza kujya mu mashyirahamwe cyangwa ko bafite indi mirimo myinshi yo gukora. Izi nzitizi zongereye ubukana bw'ikibazo cy'uko abahinzi bose batagerwaho. Urugero, abantu 36 ku ijana by'abatari abagenerwabikorwa babajijwe bari abanyamuryango b'amashyirahamwe. Iki ni ikibazo gikomeye kubera ko Leta icisha inkunga yayo mu mashyirahamwe, kandi binavuze ko hagomba gushyirwa imbaraga mu kuzamura imibereho y'abahinzi b'abakene, cyangwa MINAGRI igaterwa inkunga kugirango ishyireho amahuriro ku rwego rw'akarere azatuma serivisi zihabwa abahinzi zibegerezwa.

Uburyo bwo guhunika no gushaka amasoko

Imibare yashingiweho igaragaza ko kuba abahinzi badafite ibikoreho byo guhunika n'ibibafasha gushakisha amasoko bishobora gutuma abahinzi bacika intege zo gushora imari mu kongera umusaruro w'ibiribwa.

MINAGRI yagaragaje ko igiciro cy'ibiribwa bimwe na bimwe cyagiye gihindagurika kubera ko uburyo bwo guhunika budatye imbere cyane, kandi ko ibiciro by'ibiribwa bimwe na bimwe nk'ibigori byaguye mu mwaka wa 2010 kubera ko byahunitswe.

Leta yagaragaje ko yitaye kuri iki kibazo inagishyira mu by'imbere muri PSTA itaha ibitewemo inkunga na USAID. Abantu babajijwe bemeje ko iki kibazo gihari. Umwe mu babajijwe yavuze ko: *"muri gahunda yo guhindura imbuto (CIP) ikibazo gikomeye kigaragara cyane ku gihingwa cy'ibigori. Byari ikibazo kuko abahinzi basabwwe guhinga ibigori ahantu hanini ariko ntabwo byafashaga cyane imiryango y'abahinzi. Bibasaba kubona aho bagurisha imyaka yabo mu gihe gito kugirango babashe kwikemurira ibibazo. Nta masoko ahagije yari ahari bituma rero abantu bacika intege. Amasoko aramutse abonetse icyo gihe byafasha kugera kuri gahunda yo guhindura imbuto (CIP)."* (Umugabo wabajijwe mu karere ka Nyaruguru)

N'ubwo iki ari ikibazo gikomeye ku bahinzi bafite ubushobozi bwo guhinga ibirenze ibyo bakeneye kurya, abantu babajijwe bagaragaraje ko abayobozi n'abakora umwuga w'ubuhinzi bakwiye gushyiraho uburyo bwo guhunika buberanye na buri gace kandi budahenda abahinzi b'abakene, hagamijwe kongera umusaruro.

Imyubakire y'inzego

Amakuru yashingiweho muri iyi nyigo yerekana ko uburyo bw'ikurikirana n'isuzuma bwa PSTA-II na CIP bushobora kunozwa kugirango hagaragazwe uruhare rw'ubuhinzi mu kugera ku ntego zo kwihaza mu biribwa. Ariko bigaragara ko inkunga muri uru rwego zitabonetse ku buryo buhagije. Imibare igaragaza umusaruro w'ibihingwa irashimishije, ariko abahanga basanga hakenewe indi mibare n'ibimenyetso kugirango hagaragazwe isano riri hagati y'umusaruro w'ubuhinzi, ubukene no kugabanuka kw'inzara.

MINAGRI yateye intambwe mu gukemura bimwe muri ibi bibazo, biciye mu gushyiraho uburyo bw'ikurikirana n'isuzuma bukoresha ikoranabuhanga, bukoze ku buryo bushobora gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyagezweho n'ibyagaragajwe bivuye muri gahunda zayo.

Ababajijwe ku rwego rw'igihugu bagaragaje ko hari ubufatanye bukomeye no guhuza hagati ya Leta n'abaterankunga ku rwego rwa Minisiteri, kuko bafatanyiriza hamwe gukora iteganyamigambi rya gahunda zihutirwa n'ibikorwa. Ariko abayobozi b'inzego z'ibanze babajijwe bagaragaje ko iteganyamigambi no guhuza ibikorwa kuri field, cyane cyane binyuze mu mbuga zo gufatanya ibikorwa mu iterambere (Joint Action Development Forums), bishobora gushimangirwa. Gukemura iki kibazo bizasaba guhuriza hamwe imbaraga hagati ya leta, abaterankunga n'imiryango itegamira muri leta hagamijwe kongera ingengo y'imari yo kongera ubushobozi bwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa n'isuzuma ku rwego rw'igihugu no ku nzego z'ibanze. Ku byerekeranye n'inzego z'ibanze, kongera ubushobozi bw'inzego z'ibanze na JADF bizagira akamaro cyane.

Ingaruka ziterwa na politiki yo gutura mu midugudu no gutura mu mazu meza

Mu duce twakorewemo ubushakashatsi, abantu babajijwe bagaragaje ko ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'imidugudu no gutura mu mazu meza bishobora kuba byarateye imiryango ibibazo by'igihe gito. Ababajijwe bagaragaje ko hamwe na hamwe, imiryango yabonaga ko batakaje ubutaka bwabo ndetse n'imitungo yabo iyo bimukiye ahandi. Abandi babajijwe bavuze ko batakaje amafaranga yabo kuko basabwwe kugura ibikoresho by'amazu mashya biyanye na gahunda y'imitunganyirize y'amazu.

N'ubwo amakuru kuri icyo kibazo atuzuye, iki kibazo giteye impungenge ikomeye yo guhuza ishyirwamubikorwa rya politiki n'ubwihangane ndetse n'iterambere rirambye ry'imiryango ikennye. Iki kibazo gikeneye ubushakashatsi bwimbitse.

Guteza imbere imibereho y'abahinzi b'abatindi nyakujya

Kuba hari ikibazo cyo kuba gahunda zitagera ku bantu bose, bivuze ko leta y'u Rwanda kimwe n'ibindi bihugu byinshi, ihura n'ikibazo mu guteza imbere ubuzima bw'abahinzi b'abakene bafite ubutaka buto bwo guhingaho.

N'ubwo hari iterambere ritangaje, MINALOC igaragaza ko u Rwanda rugira ikibazo cyo kwerekana uwo muvuduko w'iterambere ry'ibikorwa bifatika byo kugabanya ubukene mu buryo bwihuse. N'ubwo igipimo cy'ubukene cyagabanutse cyane guhera muri 1994, bene ibyo bipimo byakomeje kuba biri hejuru. Ubukene bwaragabanutse buva kuri 60.4 ku ijana by'abaturage muri 2000 bugera kuri 56.9 ku ijana muri 2006. MINALOC inagaragaza ko icyuho hagati y'abakire n'abakene cyiyongereye cyane mu gihugu.

Ubukene buracyarangwa cyane mu bahinzi b'abakene. Abahinzi b'abakene (cyane cyane abagore bayoboye imiryango), abahingira abandi n'ibindi byiciro bito by'abantu ni bo bashobora guhura n'ibibazo byo kutagira umusaruro uhagije. Abahanga bagaragaza ko ibyo byiciro bigize 46 ku ijana by'abaturage, ko ariko bifite 76 ku ijana by'imiryango ibayeho mu bukene kandi irya indyo ituzuye. Abarenga 91 ku ijana by'abakozi bakorerera abandi mu mirima babarwa nk'abakene.

MINAGRI itangaza ko u Rwanda rwateye intambwe nini mu kongera umusaruro w'ibiribwa ku rwego rw'igihugu (2,150 kcal ku munsu muri 2009). Ariko rero, imiryango myinshi ntitite ibiryo bihagije kandi kubera ibyo ntibanabona ubushobozi bwo kubihaha. Itsinda ry'abahanga (think-tank) IFPRI rivuga ko n'ubwo ubwihute mu iterambere ry'ubuhinzi bigirira akamaro imiryango myinshi, ariko ko bitagirira akamaro kenshi imiryango ifite ubutaka buto bwo guhingaho kandi ikagira n'amahirwe make yo kugira uruhare mu guhanga ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga.

Iki kibazo kigaragaza ko bikwiye guha inkunga imiryango ikennye no kubashyiriraho gahunda zihariye kugirango babashe kugira uruhare mu kwishakira imitungo no kubongerera ububasha bwo guhangana n'ibibazo.

Zainab Nyirazirwanda

Zainab Nyaranzirwanda w'imyaka 45 afite abana 2 n'umwuzukuru muto umwe w'umuhungu. Atuye mu nzu ikikijwe n'imboga n'ibiti by'amatunda, mu murenge wa Kivuruga, akarere ka Gakenke, intara y'amajyaruguru. Zainab yapfakaye mu gihe cya Jenoside yo muri 1994.

Avuga ibyo yaboneye muri iyi gahunda n'uburyo yayungukiyemo, Zainab yagize ati: "mu bihe byashize najyaga mpinga ariko simbone umusaruro. Sinari mfite ibyo kurya. Sinashoboraga kurihira abana banjye ubwisungane mu kwivuzza (mutuelle de santé). Buri gihe nashoboraga kweza kg 15 z'ibishyimbo ariko akenshi sinabaga mfite n'igiceri, kubera ko ntari mfite inyongeramusaruro'. Naryaga inshuro imwe ku munsu. Nabaga mfite ibijumba n'ibishyimbo hanyuma nkagura imboga.

Abafatanyabikorwa ba Concern, Imbaraga, bafashije Zainab bamwigisha uburyo bushya bwo guhinga nko gukoresha amaterasi y'indinganire no guhinga ku murongo, bamuha ibikoresho bishya n'imbuto, banamushyira mu ishyirahamwe hamwe n'abandi bahinzi bahuje ibibazo.

'Imbaraga yaduhaye amahugurwa inadukoresha ingendoshuri aho twagiye kureba uko bahinga imboga kugirango tujye tugurisha imyaka twejeje. Iyo gahunda kandi yampaye ihene, ifumbire mvanga n'amase y'inka mu murima wanjye.

'ubu mpinga amoko y'imboga atandukanye arimo spinach, ibigori, egg plants n'amatunda. Ubu mpunika ibiro by'ibishyimbo bigera ku 100 n'iby'ibigori 150. Nshobora kugurisha ibigori ku mafaranga 250 ku kilo (25p), ibigori mbigurisha ku mafaranga 300 ku kilo (30p). Iyo ngurishije imyaka nejeje nshobora kugira amafaranga mbika.

'imboga ziramfasha cyane kubera ko zimfasha kurya neza kandi nkabasha no kugurisha ibirenzeho. Muri iyi minsi umufungo w'imboga ushobora kugurishwa ku mafaranga 50 (5p) mu gihe cy'izuba'

'nabashije kwigurira hafi ibintu byose nkeneye: mfite telephone, inka, ihene na matora yo kuryamira. Nshobora kugurira umwana wanjye ubwishingizi bw'ubuzima. Ibyo byose mbikesha uburyo bushya bwo guhinga nize biciye muri iyi gahunda.

Kubera ibyo yagezeho abikesheje kugurisha imyaka ye, Zainab yabashije kugura indi sambu ku mafaranga avuye mu yo yari yarizigamiye angana na £35, anabasha no gushaka abakozi bamukorera mu isambu ye mu minsi 3 mu cyumweru. "Natangiye ncuruza umunyu n'amavuta kubera ko nari mfite amafaranga make. Nshobora kunguka amafaranga 2000 ku mufuka w'umunyu. Kandi nshobora kugurisha imifuka ibiri iyo ari ku minsi y'isoko.

Ubu nshobora kugura inyama inshuro ebyiri mu kwezi. Norora inkoko z'amagi kandi igi rimwe ndigurisha amafaranga 80. Ubu buzima ni bwiza kurusha mbere, kandi ubu nshobora kuzigama. Ubu mfite amafaranga 95,000 kuri konti yanjye [agera kuri £95].

Kubera iyi gahunda, ubu nshobora kuvuga mu ruhamwe ngatanga ibitekerezo mu nama. Nshobora gukora ibintu byinshi mu isoko. Mfite ibitekerezo byinshi mu mutwe wanjye... ubu nshobora gukora ifumbire no guhinga imbuto. Ubu nshobora kurya inshuro ebyiri cyangwa eshatu ku munsu, kandi ndya indyo yuzuye.

Mfite gahunda yo gukoresha neza umutungo n'amafaranga mfite kugirango umuhungu wanjye abashe kuguma ku ishuri. Ubu nzigama amafaranga ntegura kuzamurihira amafaranga y'amashuri ye ari imbere. Ubu yiga amashuri yisumbuye. Ndifuza ko aziga ibijyanye n'ubukanishi.



Ibikorwa byizewe byo gufasha abahinzi b'abakene

Iki gika cyerekana uburyo gahunda y'imibereho ya Concern Worldwide igerageza gukemura bimwe mu bibazo byagaragajwe kandi ikanerekana uburyo bwizewe bwo gufasha abahinzi b'abakene mu kongera umusaruro wabo.

Gahunda y'imibereho ya Concern Worldwide Rwanda

Guhera muri 2007, Concern Worldwide ishyira mu bikorwa gahunda y'imibereho myiza ku bufatanye n'abaterankunga mu turere 3 tw'u Rwanda (Huye, Nyaruguru na Gakenke). Intego nyamukuru y'iyi gahunda ni ukongera ukwihaza kw'imiryango ikennye n'imiryango y'abatindi nyakujya n'abaturage batuye muri 3 mu turere turi mu ntara ifite ikibazo cyo kutagira ibiribwa bihagije mu Rwanda, binyuze mu kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ibindi bikorwa bidashingiye ku buhinzi.

Ibikorwa bya Concern bijyanye na gahunda za leta y'u Rwanda ku buhinzi, nka gahunda ya PSTA-II n'iyi guhindura imbuto – cyane cyane igice kimwe cy'iyi gahunda kijyanye no kongera umusaruro w'ibihingwa ngandururugo, kongerera ubushobozi amashyirahamwe na gahunda ya Gira inka 'Inka imwe kuri buri muryango'. Iyi gahunda ifasha cyane cyane imiryango ikennye.

Guhuza na gahunda n'ibikorwa bya leta bikorwa binyujijwe mu nzego za leta, inama ziba kenshi harimo Inama ihuriweho n'inzego zirebwa n'iby'ubuhinzi, inama iba buri kwezi ihuza abarebwa n'iby'ubuhinzi ku rwego rw'igihugu, hamwe n'ihuriro rihuza abakora ibikorwa by'ubuhinzi [Joint Action Development Forum (JADF)] ku rwego rw'akarere n'umurenge.

Gahunda yo kwihaza mu biribwa mu ngo igizwe n'ibice 2: iya mbere ni gahunda y'ubuhinzi igamije kongera ubushobozi bw'umuryango binyuze mu kongera umusaruro, iya kabiri ni gahunda igamije kongera umutungo w'urugo binyuze mu yindi mirimo itari iy'ubuhinzi.

Iyi nyigo irareba gahunda y'ubuhinzi cyane cyane igice cyayo cyo kongera umusaruro, harimo ibihingwa n'amatungo by'ingo zikennye.

Concern Worldwide ikorana n'imiryango y'abafatanyabikorwa kandi ifite intego ngari yo kubaka ubushobozi bw'abafatanyabikorwa bayo hamwe n'ab'aba agronome b'uturere n'imirenge. Mu miryango y'abafatanyabikorwa harimo, Urugaga Imbaraga mu karere ka Gakenke, ARDI mu karere ka Huye, na SDA-IRIBA mu karere ka Nyaruguru.

Imirimo yakozwe mu rwego rwa gahunda y'ubuhinzi ya Concern Rwanda ni iyi ikurikira:

1. Guteza imbere uburyo bwiza bwo guhinga hagamijwe kongera uburumbuke bw'ubutaka, no gufasha abahinzi kubona imbuto (imyumbati, ibigori, ibishyimbo), mu buryo bukurikira:

- Gutanga amahugurwa no gutanga inkunga yo gukurikirana ibikorwa nko guhinga usiga umwanya hagati, gutera imbuto ku ruziga, no guhinga ku murongo.
- Gutanga imbuto z'indobanure (zera cyane kandi zitangizwa n'udukoko) z'imyumbati, ibishyimbo n'ibigori
- Kongera uburyo bwo kubona ifumbire y'imborera
- Amahugurwa ku bitunga urugo no gukoresha ifumbire

2. Gukumira isuri y'ubutaka bwo ku misozi hakorwa ibi bukurikira:

- Gutera ibiti n'ibyatsi (uburyo bw'ubuhinzi n'amashyamba)
- Gucukura imiringoti hagamijwe gukumira amazi

3. Gushyigikira imirima y'igikoni, hagamijwe kongera imirire y'ingo n'ubushobozi bwazo

- Gutanga imbuto z'imboga n'ibikoresho byo kuzuhira nk'imipira y'amazi

4. Gukwirakwiza amatungo (ingurube, ihene n'inka) nk'umutungo w'ibanze n'isoko y'ifumbire, gufasha mu mahugurwa yo korora inka mu kiraro no kuzubakira. Buri karere katanze amatungo atandukanye:

- Gakenke: ingurube ku bagenerwabikorwa ba gahunda

- Huye: Inka ku miryango yatoranyijwe na/cyangwa amashyirahamwe, n'ihene ku bagenerwabikorwa bose;
- Nyaruguru: Inka ku miryango yatoranyijwe na/cyangwa amashyirahamwe, n'ihene ku bagenerwabikorwa bose

5. Gushishikariza abahinzi kwibumbira mu mashyirahamwe no kubafasha kwandikisha amashyirahamwe mu rwego rw'amategeko, binyuze muri ibi bikurikira:

- Amahugurwa ku kuzigama
- Ibimina
- Guhingira mu matsinda ibihingwa by'ingenzi

Uburyo byakozwemo

Kongera uburyo bwiza bwo guhinga, kugira ubutaka bwera, no kubona imbuto

Abafatanyabikorwa ba Concern Worldwide bagaragarije abahinzi uburyo bugezweho bwo guhinga nko guhinga ku mirongo, guhinga ku ruziga no guhitamo imbuto, hamwe no gutanga inama z'uburyo bakoresha ifumbire bavanga ifumbire y'imborera n'ifumbire mvaruganda.

Abafatanyabikorwa batanze imbuto zera cyane kandi zidaterwa n'udukoko, banaha abagenerwabikorwa ibikoresho by'imirima yabo n'iya rusange. Abafatanyabikorwa banabashishikarije gushyiraho uburyo bwo kubika imbuto bashobora kwicungira ku bufatanye bw'inzego z'ubuyobozi bw'ibanze.

Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragaza ko abagenerwabikorwa bitabiriye gukoresha uburyo bushya ndetse n'inyongeramusaruro. Ibi byagize akamaro cyane ndetse binavugwa ko ari igice k'ingenzi cy'iyi gahunda.

“ubu ubuzima bugenda neza, bwarahindutse. Mbere nnye n'abana banjye nitwari dufite ibyo kurya bihagije, ariko nyuma twatangiye gukoresha ifumbire. Twarahinze tunabona umusaruro”. (umupfakazi wacitse ku icumu, muri Nyaruguru district).

“mu myaka itanu ishize ubuzima ntibwari bwiza kuri twe. Imikorere yacu ntiyari myiza. Iyo twahingaga twashoboraga gushyira imbuto 5 cyangwa 6 mu mwobo umwe. Ubu ntidushobora gushyiramo izirenze 2. Biduha umusaruro mwinshi – n'ubwo bwose mfite intege nkeya” (Umupfakazi ufite ubwandu bwa Sida)

Kurwanya isuri y'ubutaka bwo ku misozi

Gahunda ya Concern Worldwide Rwanda yanafashije abagenerwabikorwa kurwanya isuri ku butaka bwo ku misozi hakoreshajwe gutera amaterasi y'indinganire. Iyi gahunda yari inakubiyemo gutera ibiti n'ibyatsi ndetse no gucukura imiringoti hagamiywe gukumira amazi. Ubu buryo bwuzuzaga gahunda leta ishira imbere zo kongera uburumbuke bw'ubutaka no kugabanya isuri binyuze mu materasi y'indinganire.

Iyi nyigo igaragaza ko abagenerwabikorwa bumvishe akamaro ko kurwanya isuri kandi binagira ingaruka nziza ku musaruro wabo.

Ikintu cya ngombwa kugirango umuntu agire umusaruro mwiza ni ifumbire no kurwanya isuri. Hatabayeho kurwanya isuri n'ifumbire yatwarwa n'amazi”. (Umugenerwabikorwa w'umugabo)

Guteza imbere uturima tw'igikoni

Abagenerwabikorwa bashishikarijwe guhinga uturima tw'igikoni kugirango bagire ibiryo bihagije kandi banabone amafaranga. Abafatanyabikorwa bafashije muri iyi gahunda batanga amahugurwa n'imbuto z'imboga, ibikoresho n'imipira yo kuhira. Kubera ko ari gahunda ya Leta, abatari abagenerwabikorwa b'iyi gahunda na bo bahawe inama n'abayobozi b'inzego z'ibanze ku buryo bwo gukora akarima k'igikoni. Ubu buryo bufite aho buhurira n'ibikorwa mu rwego rw'ubuzima byo guha abaturage amahugurwa y'ibyiza byo gutegura no kurya imboga.

Abagenerwabikorwa bagaragaje ibyiza byazanywe na gahunda yo kugira akarima k'igikoni bijyanye n'ubwiyongere bw'amafaranga babona (42 ku ijana); kuba bafite ubuzima bwiza n'ubwiyongere bw'ibyo barya (42 ku ijana) nk'uko bigaragazwa hasi. Abagenerwabikorwa banagaragaje ko ubu babona imboga mu buryo bworoshye kuko ubu ziri hafi yabo (32 ku ijana) kandi bakaba banashobora gutanga ibirenze ku byo bakeneye bakabiha abaturanyi n'abandi bakeneye ibyo kurya (8 ku ijana).

"turya imboga buri munsu. Mbere ntabwo twazigiraga. Ubu biterwa n'uko tuzihingira." (umugenerwabikorwa w'umugabo, akarere ka Nyaruguru)".

Gutanga amatungo

Imiryango y'abafatanyabikorwa yahaye abagenerwabikorwa amatungo arimo ingurube n'inka. Iyi gahunda ijyanye na gahunda ya Girinka "inka imwe kuri buri muryango", igamije guha ubushobozi abakene bo mu cyaro no kubaha ifumbire y'imirima yabo. Imiryango y'abafatanyabikorwa yakoresheje uburyo butuma abantu benshi bagiramo uruhare, mu gutanga amatungo, igihe hatoranywaga abagomba guhabwa inka, ndetse no gutoranya no kugura amatungo. Abafatanyabikorwa banatanze amahugurwa ndetse banagenda basura abavuzi b'amatungo n'abagronome mu rwego rwo gufata neza amatungo. icyari kigenderewe muri iyo gahunda cyari ukugirango uwahawe itungo na we azahe inyana umuturanyi we, kugirango izi gahunda zizagire akamaro mu gihe kirambye.

"tugabana inyungu, igihe inka ibyaye, tugena uwaba afite ibibazo kurusha abandi, kandi waba ashobora gufata neza inka, hanyuma tukaba ari we duha inyana. Ni uruhererekane, iyo inka ibyaye dutanga inyana yayo ku wundi muntu". (umugenerwabikorwa w'umugabo ufite abana 3, mu karere ka Gakenye)".

Gushishikariza abahinzi kwibumbira mu mashyirahamwe

Igikorwa cya 4 Concern Rwanda yafashije cyari ugushishikariza abagenerwabikorwa kwibumbira mu mashyirahamwe. Ibi byunganiye gahunda ya Leta yo guhuza ubutaka, binafasha abahinzi b'abakene kudahura n'ibibazo bamwe bahuye na byo igihe bajyaga mu mashyirahamwe yo guhinga mu bishanga kubera impamvu twavuze haruguru zijyanye n'amafaranga menshi y'ubunyamuryango, kubura ababashishikariza kuyagana cyangwa kuba bari bafite akazi kenshi.

Gahunda yo kwibumbira mu mashyirahamwe iterwa inkunga na Concern Worldwide itanga uburyo bwo kuzigama no kubona inguzanyo, muri iyo gahunda hatangirwamo inyongeramusaruro kandi abagenerwabikorwa banahabwa amahugurwa binyuze mu mashyirahamwe. Uburyo bwo kubitsa no kuguzanya cyangwa ikimina (uburyo bukoreshwa mu kwizigamira), bufasha abagenerwabikorwa kwizigamira ahantu hizewe no kubona inguzanyo hashingiwe ku bwizigame bwabo.

Umubare w'abagererwabikorwa b'abanyamuryango b'amashyirahamwe ungana na (96 ku ijana) naho abatari abagenerwabikorwa bari mu mashyirahamwe bangana na (32 ku ijana).

Kubera iyo mpamvu, mu gihe twabazaga abantu, twasanze ko abagenerwabikorwa bizigamira bagera kuri 88 ku ijana naho abatari abagenerwabikorwa bizigamira bo bagera kuri 16 ku ijana. Izindi nyungu zagaragajwe ni ukuba abantu bumva ko bari kumwe n'abandi, guterana inkunga, gushirika ubwoba n'ubwigunge.

"ubuzima bwanjye bwarahindutse. Sinajyaga numva ko ndi kumwe n'abandi bantu; numvaga ko abantu banseka. Ariko ubu nshobora kubona abantu bafite ibibazo nk'ibyanjye cyangwa ndetse bari n'inyuma yanjye. Numva nshyigikiwe kandi numva ndi kumwe n'abandi. Ntabwo nkiri mu bwigunge." (Umupfakazi w'umugenerwabikorwa).

Ibyo gahunda yagezeho n'isomo ryavuyemo

Inyigo ya gahunda ya Concern Worldwide igaragaza ko hari ibikorwa bitanga icyizere bishobora gufasha MINAGRI n'abaterankunga gukemura bimwe mu bibazo byasobanuwe haruguru muri iyi nyigo.

Inkunga igizwe n'ibikorwa byinshi

Mu isesengura ryakozwe, hagaragajwe ko inkunga igizwe n'ibikorwa byinshi n'ibikorwa bikorewe hamwe byatanze umusaruro mwiza ku bagenerwabikorwa.

Urugero: gutera ibiti hagamijwe kurwanya isuri byagize akamaro mu kugaburira amatungo. Ibi na byo byafashije mu gutanga ifumbire yakoreshejwe mu gutuma ubutaka burumbuka, ibyo byose bikaba byaratumye umusaruro wiyongera n'abahinzi babona amafaranga kubera gucuruza umusaruro urenga kuwo bakeneye mu rugo no kugurisha amatungo akomoka ku yo borora.

Ikindi, ibyagezweho byari mu ngeri nyinshi kandi bikaba binakora ku musaruro, imibereho myiza no kubaka ubushobozi bw'inzege. Imirimo y'ingenzi yari iyi ikurikira: kongera ubushobozi mu gukoresha uburyo bugezweho bwo guhinga, hanafungurwa amayira yo kubona inyongeramusaruro (nk'imbutu, ifumbire, ibikorwa byo kurwanya isuri, amatungo magufi), kubumbira abahinzi mu mashyirahamwe kugirango bizigamire, babone inguzanyo kandi banashyigikirane. Ubu buryo busa n'ubundi bwageragejwe mu bindi bikorwa, bubumbiye hamwe kubona inguzanyo no gufasha inzege.

Gufasha umuhinzi umwe umwe no kwerekera abahinzi mu mirima

Umuhanga mu buhinzi (agronome) wa Concern Rwanda ayobora gahunda yo kwerekana uburyo bwo guhinga bikorewe mu mirima akanagenda asura abahinzi nyuma y'amasomo. Gusurwa mu ngo bifasha abagenerwabikorwa kubona inama n'inkunga ijyanye n'ibyo bakeneye bibafasha gukemura ibibazo biba byarababujije kugera ku kwihaza mu biribwa no kutabona umusaruro uhagije.

Itandukaniro hagati y'imirima y'abagenerwabikorwa n'abatari bo ririgaragaza. Ibyavuye muri iyi nyigo bigaragaza ko abagenerwabikorwa bageze kuri byinshi ugereranyije n'abatari muri iyi gahunda, n'ubwo leta na yo iteza imbere imirima y'igikoni. Ugereranyije abagenerwabikorwa 83 ku ijana bafite imirima y'igikoni, naho abatari abagenerwabikorwa bafite imirima y'igikoni bagera kuri 53 ku ijana. Ikindi kandi, abashakashatsi n'abafatanyabikorwa bagaragaje ko abantu batari abagenerwabikorwa b'iyi gahunda bari bafite imirima ikoreye nabi cyangwa barayitaye.

Kuberako abantu batari abagenerwabikorwa b'iyi gahunda baba akenshi badafite imirima y'igikoni cyangwa baba bayifite ugasanga batayikorera neza, birakwiye ko politiki yajya iherekezwa no gusura abahinzi ku buryo buhoraho.

“ni byo bagiye bagaruka inshuro nyinshi bakamfasha. Byaramfashije cyane kuberako numvaga nshyigikiwe. Numvaga ko hari abantu banyitayeho. Sinibwira ko hari ikindi kintu bashoboraga kumfasha kirenzeho. Iyaba ubufasha nk'ubu bw'ubuhinzi bwabashaga kugera ku bantu benshi byaba ari ibintu by'ingirakamaro cyane” (Umugore w'umugenerwabikorwa, mu karere ka Huye)

Gutanga inka

Ubushakashatsi bwagaragaje ko gutoranya no kugura amatungo mu buryo abantu benshi bagizemo uruhare byafashije abaturage kumva ko ari ba nyir'igikorwa. Gutanga amatungo magufi ku baturage batabone inka byagenze neza cyane, kubera ko amatungo yororotse vuba kandi ba nyirayo bakabasha kubona ifumbire no kugurisha abana bayo.

Hari byinshi bigaragaza ko iki gikorwa cyagenze neza. Icyamba mbere, abaturage bagize uruhare mu gutoranya abagomba kugenerwa amatungo, banagira uruhare mu gutoranya amatungo n'uburyo bwo kuyatanga. Abayobozi b'inzege z'ibanze bagize uruhare mu gukurikirana niba ababonye amatungo bwa mbere bazatanga abana bayo ku cyiciro gikurikiyeho ku rutonde. Ni ukuvuga rero ko abaturage n'abayobozi b'inzege z'ibanze bagize uruhare mu gutekereza no gushyira mu bikorwa umushinga.

Icyamba kabiri, abavuzi b'indwara z'amatungo ba Concern Worldwide Rwanda batanze amahugurwa banasura abahawe amatungo, banafasha abahawe amatungo kumenyana n'abaganga b'indwara z'amatungo b'Umurenge. Gufata neza abana b'amatungo bisaba

ubumenyi nko kumenya uko wubaka urwuri rw'amatungo n'inyana zayo".
(umugenerwabikorwa w'umugabo, mu karere ka Huye).

N'ubwo intego nyamukuru yo gutanga amatungo yari ukongera ifumbire, byanagize ingaruka nziza kubera amatungo yongereye umusaruro n'ibiryo mu ngo.

"ibintu byarahindutse, ingurube yanjye yarabwaguye ngurisha ikibwana cyayo mbasha kugura isambu. Sinari mfite itungo na rimwe mbere. Mbere sinashoboraga guhinga imboga kuko ntari mfite ifumbire. Ubu muri rusange ibintu byabaye byiza.
(Umufatanyabikorwa w'umugabo, mu karere ka Gakenke)

Kwibumbira mu mashyirahamwe, kuba hafi abagenerwabikorwa no kubafasha mu mibanire yabo n'abandi

Gahunda ya Concern Worldwide yo kwibumbira mu mashyirahamwe yatumye habaho kwizigamira no kubona inguzanyo. Iyo gahunda kandi yatangirwagamo inyongeramusaruro n'amahugurwa.

Amashyirahamwe yatumye habaho uburyo bwo kwizigamira no kubona inguzanyo binateza imbere imibereho myiza y'abaturage. Ibi byagize uruhare runini mu gutuma abagenerwabikorwa biyubakamo icyizere no kugira ubucuti bushingiye ku gufashanya.

Ubu buryo bwari bushingiye kuri gahunda ya leta yo gushishikariza abaturage gukorera mu mashyirahamwe kugirango habeho uburyo bwiza bwo gukoresha inyongeramusaruro no guhunika muri gahunda ya CIP, no kongera uburyo bwo kubona inguzanyo binyuze mu bigo by'imari. Amashyirahamwe yagize uruhare mu gushimangira uburyo bwo kwiga bwazanywe na Concern Rwanda no gukwirakwiza ubumenyi mu bandi banyamuryango. Abaturage bahurizwaga hamwe mu mirima y'ishyirahamwe aho bashoboraga kungurana ibitekerezo n'ubumenyi.

"kubera ko tuba turi abantu benshi, tubona ibitekerezo bivuye ku bandi bantu kandi twese bitugirira akamaro. Bitera imbaraga kubera ko ushobora kubona ibyo abandi bakora ukabyiga (umufatanyabikorwa w'umupfakazi).

Gutanga ubumenyi n'umutungo ku bantu batari abagenerwabikorwa

Gutanga ubumenyi bushya n'amatungo ku bantu batari abagenerwabikorwa ba gahunda ni ikindi kimenyetso cyerekana ko iyi gahunda yagize akamaro. Abagenerwabikorwa bashishikarijwe gufasha abandi baturage, babigisha ibyo bize kandi banabaha amatungo yakomotse ku yo bahawe, bikurikije umuco nyarwanda.

Iyi gahunda yafashije abantu kwiyubakamo icyizere n'agaciro kuko bahindutse abarimu aho batuye. Byanatumye gahunda ya Concern itagirira akamaro abagenerwabikorwa bayo gusa ahubwo igera ku bantu benshi.

*"nturanye n'abantu bashaje, iyo mbona bahinga mu buryo budakwiye mberekera uko bikorwa; cyane cyane aho inkoko zitorena. Nabimenye igihe najyaga mu nama z'abaturage bagiranaga n'abayobozi. Ariko ntibatubwiye uko bikorwa mu buryo bufatika. Gusa nigishijwe icyo guhinga n'uburyo bwo kugihingamo. Nanjye mbyigisha abandi"
(umugenerwabikorwa w'umugabo wubatse ufite abana 4).*

Icyo kabiri, abantu benshi bagiye batanga umusaruro warenze ku wo bakeneye bakawuha abaturanyi n'abandi baturage bakeneye ibyo kurya. Byabaga byiganjemo imboga, hari n'aho batangaga amata.

"mbona ilitiro imwe ku munsu. Ntabwo nyigurisha ariko rimwe na rimwe nyaha abandi banyamuryango turi kumwe mu ishyirahamwe na bo bafite HIV." Umupfakazi ubana n'ubwandu bwa SIDA, afite umwana muto, mu karere ka Nyaruguru).



Jean Berchimas Mbarushimana

Jean Berchimas Mbarushimana w'imyaka 36, atuye mu murenge wa Busengo, akarere ka Gakenke mu Ntara y'amajyaruguru mu Rwanda. Aba mu kazu gato hamwe n'umugore we Gertrude Mbazimana n'abana babo bato batatu, bafite imyaka 10, 8, 6. Isambu ye ikikijwe n'ahantu hahinzwe amaterasi y'indinganire bahingamo imyumbati, ibishyimbo n'imbuto nk'inanasi. Yabaye umugenerwabikorwa w'umuryango ufatanyaga ibikorwa na Concern Worldwide witwaga Imbaraga kuva muri 2007.

Jean Berchimas asobanura uburyo yateye imbere mu buhinzi bwe n'ibyo yagezeho mu buryo bukurikira:

"mbere y'uko nkorana n'uyu mushinga napfaga kujugunya imbuto mu gitaka nkanapagasa mu mirima y'abandi bantu kugirango mbashe kubaho. Njye n'umuryango wanjye twabonaga amafaranga make cyane."

"binyuze muri iyi gahunda nabonye amahugurwa menshi n'inama z'uburyo bwo gucukura imiringoti no gukoresha ifumbire, uburyo bushya nko guhinga ku mirongo no gutoranya imbuto ndetse no gushakira amasoko ibyo nejeje. Nigishijwe uburyo bwo korora ingurube no guteka ndetse no guhinga imboga. Natangiye guhinga mu buryo nyabwo ari uko maze kubona amahugurwa"

"ubu mpinga imyaka myinshi kandi nkoresha uburyo bujyanye n'ubutaka dufite, bigatuma rero mbona umusaruro mwiza. Mbere nta kintu twabonaga. Ubu mpinga ibigori byinshi kandi nshobora kubigurisha ku giciro cyiza."

Muri iyi gahunda, Concern ishishikariza abantu nka Jean Berchimas kwibumbira mu mashyirahamwe abafasha guhanahana ubumenyi, kuzigama amafaranga no gufata inguzanyo ntoya. Yagize ati *"twatangiye twese tuzigama amafaranga bidufasha kugura inka ebyiri. Tunahingira hamwe imyaka twamara kweza tugahamagara abaguzi tukumvikana ku giciro"*.

Jean Berchimas yakoresheje amafaranga yakuye mu musaruro w'imyaka ye aguramo ingurube akaba imuha ifumbire kandi akanayikoresha mu kubangurira. Yanaguze amasambu mato hamwe n'ahantu hari ibiti hareshya na metero 50x80 akaba ahakoresha mu korora inzuki, kugirango yongere umutungo we.

"Mbere y'uko ninjira muri iyi gahunda naryaga rimwe gusa, rimwe na rimwe nabaga ntariye umunsi wose. Ariko ubu mfata igikoma, ifunguro rya saa sita kandi abana banjye ubu bafite ubuzima bwiza".

"mbere abana bakundaga kurwaragurika buri gihe ariko ubu bafite imboga nka karoti none ubu bameze neza."

"Ibintu bimeze neza cyane ubu kandi ndifuzaga kwagura umurima w'urutoki nkanubaka inzu yanjye. Nanabashije kwigisha abaturanyi banjye uburyo bahinga inanasi n'uburyo borora ingurube. Birashimishije kubona bakoresha ubu buryo no kubabona bishimye"

Icyo ubufasha bumarira abahinzi b'abakene

Iki igika kigaragaza uburyo gufasha abahinzi b'abakene bishobora kuzamura umusaruro wabo kandi bikanagira uruhare mu kugera ku kwihaza mu biribwa no kugera ku ntego yo kugabanya ubukene.

Iki gika kigaragaza hasi iby'ingenzi byagezweho n'abagenerwabikorwa ba gahunda y'imibereho ya Concern worldwide Rwanda, harimo kongera umusaruro, guhinduranya imbuto, ibimenyetso byo kwihaza mu biribwa, ubwiyongere bw'ubukungu no kwiyubakamo icyizere. Ibindi byagezweho bijyanye n'ibyo ni ukwigirira icyizere no kwiga no kubana neza.

Kongera umusaruro no guhindura imbuto

Kongera umusaruro kw'abagenerwabikorwa ba gahunda ni kimwe mu by'ingenzi twabonye muri iyi nyigo. Abagenerwabikorwa babajijwe niba umusaruro wabo wariyongereye, niba waragumye uko wari uri mbere, cyangwa niba waragabanutse kuva mu myaka 3 kugera kuri ine ishize. Abagenerwabikorwa benshi bagaragaje ko umusaruro wabo wiyongereye kurusha abatari abagenerwabikorwa.

Abagenerwabikorwa basabwe gutanga ingero z'uburyo umusaruro wabo wiyongereye bagereranya umusaruro wa bimwe mu bihingwa by'ingenzi nk'ibigori, ibishyimbo, mu gihe kingana no kuva ku myaka 3 kugeza kuri 4. Ibisubizo bigaragara mu mbonerahamwe ya 6.

Isesengura rigaragaza itandukaniro ry'umusaruro hagati y'abagenerwabikorwa n'abatari abagenerwabikorwa mu gihe kingana no kuva ku myaka itatu kugera kuri ine. Abagenerwabikorwa bagaragaje ko umusaruro wabo wikubye hafi inshuro 2 ugereranyije n'uw'abatari abagenerwabikorwa. Nta tandukaniro rinini ryari riri hagati y'abagenerwabikorwa n'abatari mbere y'iyi gahunda.

“ mbere nabonaga umufuka umwe w'ibishyimbo none ubu ndabona ibiri. Mbere nezaga kg 30 z'ibishyimbo none ubu neza kg 60. Sinajyaga neza ibigori ariko ubu neza kg 40. Ibyo byaterwaga no kuba mbere tutarakoreshaga ifumbire ariko ubu turayikoresha.”
Umupfakazi w'umugenerwabikorwa, mu karere ka Gakenke)

Guhindura imbuto

Abagenerwabikorwa benshi batangiye guhinga imbuto nshya mu gihe iyi gahunda yamaze. Mu bibazo byabajijwe, hagaragaye ko abagenerwabikorwa benshi 73 ku ijana batangiye guhinga imbuto nshya, cyane cyane imboga (51 ku ijana). Abatari batangiye guhinga imbuto nshya bagera gusa kuri 16 ku ijana (imboga cyangwa ibigori) mu gihe cyo kuva ku myaka 3 kugera ku myaka ine.

Ikindi kandi, hari itandukaniro ku buryo bwo guhinga imyaka hagati y'abagenerwabikorwa n'abatari bo. Ibisubizo by'ibibazo twabajije bigaragaza ko abagenerwabikorwa benshi bahinze ibigori, ibirayi n'imboga, kurusha abatari abagenerwabikorwa.

Itandukaniro rikomeye hagati y'ibyo byiciro ni ukuba abagenerwabikorwa benshi barahingaga imboga bikaba bijyanye no kuba abenshi muri bo bari bafite uturima tw'igikoni

Kuberako ibi bihingwa biribwa kandi bikaba binakurwamo amafaranga, bishobora kongera imirire myiza bikanafasha abagenerwabikorwa kwagura imirimo yabo y'ubuhinzi, bityo bakaba bashobora guhangana n'ibihe bibi by'ibura ry'umusaruro cyangwa indwara.

Kongera ingano y'ibiribwa no kubihinduranya

Abashakashatsi bagaragaje ko abagenerwabikorwa benshi bongereye ingano y'ibyo kurya mu gihe cyo kuva ku myaka 3 kugeza kuri 4 ishize, kurusha abatari abagenerwabikorwa. Ibimenyetso bigaragaza ko ibyo bituruka ku kwiyongera k'umusaruro w'abagenerwabikorwa n'ingano y'ibiryo biribwa mu ngo.

“Ntushobora kubura ikintu cyo kurya! Ibiryo ndya byariyongereye. Ndya imboga buri munsi. Ubu nshobora kurya inshuro ebyiri ku munsi kandi nkarya indyo itandukanye. Nk'urugero, ibyo ndya ku manywa si byo ndya mu ijoro.” (umugenerwabikorwa w'umupfakazi).

Ubushakashatsi bwagaragaje ko urugero rw'ibishyimbo byaribwaga ku munsi rwariyongereye cyane kurusha uko byari bimeze mu myaka ine ishize. Rwavuye ku isahani imwe (1.08) kugera ku isahani 2 (2.19).

“nshobora no kurya inshuro 3 ku muni. Mbere naryaga inshuro imwe gusa ku muni kandi sinari mfite igikoma. Ubu dufite ibiribwa byinshi kuberako duhinga mu buryo bwiza.” (umugenerwabikorwa w’umupfakazi).

Ibiryo bifite intungamubiri

Inyigo igaragaza ko abagenerwabikorwa benshi barya imboga kurusha abandi. Abagenerwabikorwa batangaje ko biterwa no kuba bafite uturima tw’igikoni no kuba imbuto z’imboga zaratanzwe mu gihe cy’iyi gahunda. Igihe babazwaga icyo uturima tw’igikoni tubamariye, 42 ku ijana basubije ko dutuma barya imbuto, naho 32 ku ijana basubiza ko bibafasha kubona ibiryo hafi yo mu rugo.

“turya imboga buri muni. Mbere ntabwo twazigiraga. Ubu biterwa n’uko tuzihinga. (umugenerwabikorwa w’umugabo).

Banabajijwe ingano y’imboga bashobora kubika ubu n’yo bashoboraga kubika mu gihe cy’imyaka 3 kugeza kuri ine ishize. Ariko, ugereranyije, ingano y’imboga abagenerwabikorwa bashobora kubika yariyongereye mu cyumweru

“abana na bo barya ibiryo byinshi kandi bahabwa indyo zitandukanye; ibishyimbo, ibitoki n’ibijumba. Ibintu byarahindutse, na mbere byari bihari ariko twajyaga dukora urugendo rurerure tujya kugura ibiryo, ubu dufite ibyo kurya dukura mu mirima yacu. Byaradufashije” umugenerwabikorwa w’umupfakazi kandi ubana n’ubwandu bwa sida, mu karere ka Gakenke.

Ikindi, bamwe mu bagenerwabikorwa bahawe inka biciye muri iyi gahunda, batangaje ko basigaye banywa amata mu ngo zabo.

Ubukungu no guhangana n’ibibazo

Imirimo ibyara ubukungu no gukoresha abandi

Imibare iva mu bushakashatsi igaragaza ko abagenerwabikorwa babashije kugira ubushobozi bwo guhangana n’ibibazo kuberako bagize imitungo n’urwego rw’umusaruro, bongera uburyo bwo guhangana n’ibyo bibazo kandi banakoresha abakozi.

Ingo nyinshi zongereye umutungo wazo kubera inkunga y’ubuhinzi yaciye muri iyi gahunda, kandi nyinshi muri zo zabashije no kugirira akamaro abaturage binyuze mu guha akazi abandi mu mirima yabo.

“ikintu kinini nungukiye muri iyi gahunda ni amahugurwa ku buryo bushya bwo guhinga, ubu nshobora kweza byinshi, nshobora kugurisha bimwe, ibindi nkabirya” umupfakazi ubana n’ubwandu bwa SIDA).

Abandi batangaje ko bashobora guhinga ibirenze ibyo bakeneye kurya kubera gukoresha uburyo bushya, bityo bigatuma bagurisha byinshi.

Abagenerwabikorwa banatangaje indi mirimo ibyara inyungu yatangijwe n’iyi gahunda, ijyanye no kugurisha abana b’amatungo; kugurisha cyangwa gucuruza amata, kugurisha imboga bahinga mu turima twabo tw’igikoni (abagenerwabikorwa 35 ku ijana)

Abagenerwabikorwa benshi bagabanyije amasaha bamara bakorera abandi.

“mu gihe cyashize namaraga amasaha menshi ndimo gukorera abandi bantu. Nabonaga amafaranga make cyane, nyuma yo kujya muri uyu mushinga twabonye amahugurwa menshi noneho ntangira guhinga (Umugenerwabikorwa w’umugabo, mu karere ka Gakenke). “ mfite amatungo, nshobora guhinga imboga. Singikorera abandi (Umugenerwabikorwa w’umupfakazi, Huye)”

Hari n’abagenerwabikorwa babashije gukoresha abandi bantu babikesheje kuba umusaruro wabo wariyongereye. Ibyo byafashije cyane cyane abantu babana n’agakoko ka SIDA, kubera ingorane bahura na zo mu buhinzi bw’amasambu yabo.

“kubera umusaruro w’ibihingwa, ubu mfite ikintu nagurisha. Kubera ko mbona amafaranga menshi, nshobora gukoresha abakozi mu murima wanjye. Mu cyumweru nkoresha abakozi babiri nkabahemba amafaranga 500 ku muni” (Umugenerwabikorwa w’umupfakazi, mu karere ka Huye)

Kubaka ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo

Gukwirakwiza amatungo na byo byagize uruhare rukomeye mu kubaka ubushobozi bw'abazihawe. Mu Rwanda kimwe n'ibindi bihugu bya Afurika, inka ni ikimenyetso cy'ubukire; ariko muri 1994 amatungo menshi yarishwe. Ibi byatumye habaho kugabanuka cyane kw'imibereho y'abaturage ndetse n'umusaruro w'ubuhinzi. Umwe mu bagenerwabikorwa yavuze akamaro ko guhabwa inka:

“mbere ya Jenocide nari mfite inka nyinshi. Mu rugo habaga huzuye inka nyinshi ndetse nari mfite n'inka za kijyambere, ariko mu gihe cya Jenocide, zose baraziriyeye. ARDI [umufatanyabikorwa wa Concern Rwanda], yampaye inka imwe ubu rero ndishimye cyane.” (umugenerwabikorwa w'umupfakazi, mu karere ka Huye).

Abashakashatsi babajije abagenerwabikorwa imitungo baba baraguze mu gihe cyo kuva ku myaka itatu kugeza kuri ine ishize. Ibisubizo byatanzwe harimo kuba barabashije kugura amatungo, isambu, kubaka inzu, no kugura ibyuma by'itumanaho nka radiyo cyangwa telefoni igendanwa.

“ubu meze neza cyane! Imigambi yanjye ni ukwagura urutoke rwanjye no kuvugurura inzu yanjye. Amasambu mfite ubu nyakesha uyu mushinga.” (umufatanyabikorwa w'umugabo, wubatse, ufite n'abana, mu karere ka Gakenke).

Uburyo bwo guhangana n'ibibazo

Abagenerwabikorwa bagaragaje ko uburyo bwo guhangana n'ibibazo biturutse ku kuba umutungo wabo na wo wariyongereye no kuba bashobora kwizigamira. Urugero: abagenerwabikorwa batangajye ko bashobora kwizigamira kurusha mbere, ko bashobora kugurisha imitungo yabo cyangwa imyaka bejeje, cyangwa bakaba bakwaka inguzanyo mu ishyirahamwe kugirango babashe guhangana n'ibibazo. Ariko abatari abagenerwabikorwa bo bashobora gusa kugurizwa amafaranga n'inshuti zabo cyangwa bagakorera abandi bantu.

“Iduka ryacu ryarahiye. Iyo biba mbere biba ari ibindi bindi; mba naragombye guhagarika ibintu byose nakoraga. Ariko ubu kubera ishyirahamwe, nshobora kongera kubona iduka ryanjye nkoreshije inguzanyo” (Umupfakazi w'umugenerwabikorwa).

Icyizere, amahugurwa n'imibanire myiza

Amashyirahamwe yagize uruhare runini mu guhuza abantu babana mu buzima busanzwe. Inyungu ikomeye abantu bagaragaje y'amashyirahamwe ni ubucuti no kuva mu bwigunge. Abagenerwabikorwa benshi banatangajye ko bibaha imbaraga n' icyizere, kandi bikanatuma batinyuka guhinga nyuma ya Jenocide

Ibimenyetso byashingiweho bigaragaza ko byabaye cyane cyane ku bantu bahura kenshi n'ibibazo bikomeye mu buzima, cyane cyane abagore badafite abagabo, abagore babana n'agakoko ka Sida, cyangwa baba mu bwigunge, baba akenshi barahuye n'ibibazo cy'ihazwa cyangwa ivangura.

“nahindutse mu bitekerezo no mu buryo bw'ubukungu. Ntabwo najyaga numva ko ndi kumwe n'abandi bantu; najyaga nibwira ko abandi bantu banseka. Babonaga ko ndi umukene. Ubu nshobora kubona abandi bantu bari mu bibazo nk'ibyanjye cyangwa bafite n'ibirenze ibyanjye. Numva nshyigikiwe kandi numva ndi kumwe n'abandi. Sinkigunze, nshobora kuganira n'abantu nkababwira ibibazo byanjye – mbere numvaga meze nk'uwapfuye, ariko ubu mba nisunga abantu.” (umugenerwabikorwa w'umupfakazi, mu karere ka Huye).

Iyi gahunda ifite ingaruka zitandukanye zijyanye n'imibanire, ubukungu n'imitekerereza ku bantu bafite ibibazo kurusha abandi mu cyaro, abenshi muri bo bari abagore. Ibi byatewe n'uburyo bwakoreshejwe mu guhitamo abantu babajijwe. Ubwo buryo ntibwarebaga gusa abantu b'abakene cyane, ahubwo bwaganendeye ku bindi bintu nk'igitsina, imyaka n'irangamirere.

Ibi byatumye bigaragara ko umubare munini w'abagenerwabikorwa wari uw'abagore (71 ku ijana), abagore bayoboye ingo (63 ku ijana). Ubushakashatsi bwagaragaje mu Rwanda ko iri tsinda rihura n'ibibazo byihariye bijyanye no kwihaza mu biribwa.

Umusozo n'imyanzuro

Iyi nyigo igaragaza ko Leta y'u Rwanda yashoye imari ku buryo bugaragara mu kuzamura imibereho y'abahinzi bato, bikaba byaratumye umusaruro wiyongera. Abashakashatsi bagaragaje ko umusaruro wose w'ubuhinzi wasumbye cyane ibyo abantu bari bakeneye kurya mu gihe cy'imyaka 3 ishize, ibyo bikaba byarafashije u Rwanda kutagira ikibazo cy'izamuka ry'ibiciro mu karere ka Afurika y'Iburasirazuba. Muri rusange ibiribwa byarabonetse cyane mu gihugu, ibi akaba ari kimwe mu bimenyetso byo kwihaza mu biribwa.

Ariko, guhindura ubuzima bw'abahinzi b'abakene banafite amasambu mato biracyari ikibazo mu Rwanda, ubukene bukaba bwibanze cyane mu cyaro. Zimwe mu mpamvu zitera ibi bibazo ni ukuba hari icyuho mu ngengo y'imari igenerwa ubuhinzi bituma ibikorwa byose byakagombye gukorwa bidakorwa, cyane cyane ibikorwa byo kongera agaciro k'ibiribwa no guteza imbere umusaruro w'ibihingwa ngandururugo. Mu zindi mbogamizi zagaragajwe harimo izijyanye n'inzeho, ubushobozi buke bw'abakozi ku nzeho zo hasi no ku karere. Abaterankunga bashobora kugira uruhare mu gukemura ikibazo cy'ubushobozi buke bw'abakozi.

Hashingiwe ku rugero rwa gahunda y'imibereho ya Concern Worldwide, iyi nyigo igaragaza ibikorwa byizewe byakoreshwa mu kuteza imbere umusaruro w'abahinzi b'abakene kandi bafite amasambu mato. Mu ngamba zagaragajwe zo kongerera umusaruro abo bahinzi harimo ingamba ikubiyemo ibikorwa byinshi birimo kubafasha kongera umusaruro no kubafasha kubona inguzanyo. Hanagaragajwe akamaro ko kwerekera buri muhinzi mu murima we, gutanga inka mu buryo abantu benshi babigiramo uruhare no kwibumbira mu mashyirahamwe. Ibyo bikorwa byagiriye abagerwabikorwa akamaro haba mu mitekerereze yabo ndetse no mu mibanire.

Iyi myanzuro ivuze iki muri gahunda rusange? Icyamba mbere, iyi myanzuro igaragaza ko abahinzi b'abakene baramutse bahawe ubufasha bwihariye bashobora kongera umusaruro wabo w'ubuhinzi kandi bakanagira uruhare mu kugera ku ntego yo kwihaza mu biribwa. Icyamba kabiri, iyi nyigo irasaba Leta n'abaterankunga gushyigikira iri tsinda ry'abahinzi mu ngamba zabo zo kugabanya inzara, hakoreshejwe uburyo bwo kongera umusaruro, guha ubushobozi inzego no kubaba hafi.

Mu rwego rwo kongera ibikorwa byizewe byagaragajwe na gahunda y'imibereho ya Concern Rwanda no gufasha Leta kugera ku ntego yo kurwanya ubukene no kwihaza mu



Uru rupapuro: abantu bazana ibicuruzwa ku isoko ryo mu mudugudu wa Bushoka riri mu murenge wa Kivuruga, Akarere ka Gacyenke, Intara y'Amajyaruguru

biribwa, Concern Worldwide iragira inama zikurikira abaterankunga mpuzamahanga, Leta y'u Rwanda n'abakora umurimo w'ubuhinzi.

Inama ku baterankunga mpuzamahanga

- Kuziba icyuho cy'ingengo y'imari no gufasha MINAGRI gushyira mu bikorwa PSTA-II, hibandwa cyane cyane mu gutera inkunga gahunda zo kongera agaciro igicuruzwa, guhinga ibiribwa ngandururugo, kubaka aho bahunika imyaka, kongera uburyo bwo kubona amasoko no guteza imbere uburyo bwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa n'isuzuma hagendewe ku bipimo bigaragaza kwihaza mu biribwa.
- Gushora imari mu bushakashatsi ku bikorwa bitandukanye hagamijwe kumenya inkunga yafasha guteza imbere ubuzima bw'abahinzi b'abakene. Ubushakashatsi bugomba kwibanda cyane ku bahinzi b'abagore no kumenya ibikorwa byagize akamaro bishobora no gukoreshwa ahandi.
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba (ingamba zo kongera umubare w'abagenerwabikorwa, guhunika imyaka no gushakisha amasoko, kongerera inzego ubushobozi), ingaruka z'ibyagezweho mu buhinzi n'ibyagaragajwe ku buzima bw'abahinzi b'abakene bijyanye no kwihaza mu biribwa no kugabanya ubukene, n'ingaruka zitagenderewe ishyirwa mu bikorwa rya politiki rigira ku batindi nyakujya.
- Kubakira ku byakozwe mu Rwanda hagamijwe gushyiraho no gushyira mu bikorwa politiki z'abakene zishobora guteza imbere umusaruro w'abahinzi b'abakene. Izi politiki zigomba kwibanda ku bikorwa byinshi bigera mu nzego zitandukanye, no gutanga inkunga y'ubuhinzi, kubaka inzego no kuba hafi iryo tsinda ry'abahinzi.

Inama kuri Leta y'u Rwanda

- Gukomeza gukorana n'abaterankunga hagamijwe kwagura ibikorwa bitandukanye by'inkunga bigenerwa abahinzi b'abakene, cyane cyane abagore;
- Gukorana n'abategamiye kuri Leta mu gufasha abahinzi b'abakene kwibumbira mu mashyirahamwe no kubafasha kongera agaciro k'umusaruro wabo, kubaha inyongeramusaruro nziza no kubahugura ku buryo bushya bwo guhinga;
- Kongera ibikorwa bijyanye no kongerera agaciro ibiribwa. Ibi byakorwa hashyirwaho uburyo bwo kongerera agaciro ibihingwa bukoreshwa aho hantu, kugirango hafashwe mu buryo buziguye abahinzi bato, cyane cyane ab'abakene kandi bafite ibibazo;
- Kunoza imikoranire ku isoko kubijyanye n'igurishwa ry'imyaka hagamijwe kongerera amahirwe abahinzi bato, kongera uburyo bwo guhunika hagamijwe kwirinda kwangiza umusaruro no guha abahinzi ibikoresho byo guhunika biberanye n'aho batuye kandi bidahenze kugirango batangiza umutungo wabo
- Kuvugurura uburyo bwo gukora ku buryo ingano y' umusaruro w'ibihingwa uruta ibikenewe kuribwa, binyuze mu guhuza ibikorwa by'ubuhinzi n'imirire na kwihaza mu biribwa

Inama ku bakora umurimo w'ubuhinzi

- Kugenzura niba hari gahunda zishyirwaho ziba zireba abagore bafite ibibazo n'abahinzi b'abakene binyuze mu bikorwa by'ingeri zitandukanye
- Kubakira ku ngero nziza zagaragajwe muri iyi nyigo no gukorana na MINAGRI n'inzego z'uturere hagamijwe kongera ibikorwa byo gufasha abahinzi b'abakene, kugaragaza uburyo bwo guhunika buberanye n'agace batuyemo no gutanga amahugurwa mu gukora imishyikirano hagamijwe kugirango abahinzi bato babashe kujya bagurisha imyaka yabo ku giciro cyiza
- Kugenzura niba gahunda zishyirwaho zibasha kubaka ubushobozi bw'abakozi n'ubw'inzego mu cyaro no gushyiraho uburyo bw'imikoranire hagati y'abaturage n'inzego za Leta, hibandwa cyane cyane ku gutuma inzego za Leta zigira inshingano yo gukemura ibibazo by'abagore b'abahinzi bakennye
- Gukora ubuvugizi bwo ku rwego rwo hagati n'ubuvugizi rusange hagamijwe ko politiki zishyirwaho ziba zifite akamaro kandi zishyirwa mu bikorwa neza kugirango ubukene bugabanuke no gukemura ikibazo cyo kuba abakene nyakujya batagira ibiribwa bihagije

Andi makuru

Iyi raporo ishingiyeye ku byavuye mu nyigo yakozwe na Concern Worldwide na The Natural Resources Institute, University of Greenwich. Amakuru ku bushakashatsi yashakiwe mu Rwanda muri Kanama 2011.

Raporo yose iboneka kuri: www.concern.net/resources

Abanditsi

Robin Willoughby and Lora Forsythe

Abafashije abanditsi

Natasha Adams, Sharon Commins, Natalie Duck, Connell Foley, Anne-Marie Mayer, Adrienne Martin, Carol Morgan, John Morton, Tilaye Nigussie, Chris Pain, Helena Posthumus, Azra Sheikh, Gabrielle Smith, Joanne Smyth, Jennifer Thompson, Paul Wagstaff

Amafoto yose yafashwe na: Mike Goldwater / Concern Worldwide

England & Wales

13/14 Calico House, Clove
Hitch Quay, London SW11 3TN
T +44 (0)20 7801 1850
E londoninfo@concern.net

Northern Ireland

47 Frederick Street,
Belfast BT1 2LW
T +44(0)28 9033 1100
E belfastinfo@concern.net

Scotland

40 St. Enoch Square,
Glasgow G1 4DH
T +44(0)141 221 3610
E glasgowinfo@concern.net

Rwanda

Avenue de Nyarugenge
PO Box 2278 Kigali
T +250 573142